

INTEGUZA *y'Ubugorazi*

Vol. 64, No.4

Icyumweru cyo Gusenga

KUMENYA IMANA

UKUBOZA 1 - 10 , 2023

INTEGUZA

y'Ubugorizi

Umuzingwa wa 64, Nimeru ya 4

IBIKUBIYEMO

Umwanditsi

Kumenya Imana 3

Kuvugana n'Imana

Mbega amahirwe dufite imuhira, mu ruziga rw'umuryango,
no muri rubanda! 4

Ubumenyi Bwica

Uhereye mu gihe cya Edeni, hagiye habaho "igiti"
kigerageza cyo kwirindwa..... 8

Mbese Imana irakuzi?

Umenyabyose azi buri gitekerezo cyacu cyose n'icyo tugamije
cyose..... 12

Impamvu nyakuri itera amakuba

Ni igihe cyo kujya ku rubuga ruhanitse kugirango twakire
imigisha y'Imana..... 16

Gusanganira Umukiza

Yesu niwe dukeneye kuruta ibindi byose, niwe byiringiro byacu
biruta ibindi byose, kandi niwe Mukiza wacu gusa 20

Kumenyera Imana hano kandi nonaha

Kugendana na Yesu si iby'ahazaza; ni umunezero dushobora
kugirira ku isi 24

Kumenya Imana ihoraho

Kugirango tubeho ubuziraherezo, Uwituka akwiriye kuba
mu mitima yacu 28

Igisigo

Ntabwo twakumenye..... 32

KUMUMENYA NIKO KUMUKUNDA

Mbega uburyo Yesu Umwami wacu ari Umukiza uhebuje! Uko turushaho kumumenya, niko turushaho kumukunda. Kwifatanya n'abandi bizera duhuje ukwizera kw'agaciro kenshi nibyo biza ari umusaruro [wo kumenya Yesu], kandi icyumweru cyo gusenga ngarukamwaka gitanga amahirwe aboneye yo gukungahaza imibereho yacu kuri iyi ngingo. Mbese Uwituka ntiyatubereye mwiza muri uyu mwaka utambutse? Ntidushobora kubihakana. Iyo hatabaho ubuntu Bwe, nta n'ubwo tuba twifatanyije muri ibi ngibi turi gusoma ubu ngubu.

"Mu isengesho Rye yasenze Se, Kristo yahaye abo mu gihe Cy'e icyigisho gikwiriye guharaturwa mu bwenge no mu mitima. Yaravuze ati: "Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo." Yohana 17:3. Ubu nibwo burezi nyakuri. Butanga imbaraga. Kumenya Imana na Yesu Kristo uwo Yatumye, bihindura umuntu bikamugaruramo ishusho y'Imana. Biha umuntu ukwigenga, kandi agacisha bugufi buri kintu cyose yifuzaga n'icyo ararikira, bigategekwa n'imbaraga zihanitse z'intekerezo. Ubifite bimugira umwana w'Imana ndetse n'umuragwa w'ijuru. Bimushyira mu gusabana n'Imana ihoraho kandi bikamwugururira ubutunzi butagira akagero bw'ijuru n'isi."¹

Uko dukomeza gusoma iby'iyi nsanganyamatsiko "Kumenya Imana", dufite icyifuzo kidacogora cyo kuyimenya neza, dushobora gusesekazwaho imigisha itagira akagero. Nimutyo intekerezo zacu tuzerekeze kuri iyi ntego, na none kandi dusangize ibyigisho abandi bashobora kutaboneka cyangwa abari mu rugo, kandi mwibuke aya matariki akurikira:

Gusenga no kwiyiriza ubusa: Ku Isabato 09 Ukuboza

Amaturo yo gufasha umurimo: Ku wa mbere, 10 Ukuboza

Buri wese muri twe ku giti cye kandi nk'itorero, Umwuka Wera atwuzuze kumenya Imana byimbitse na Kristo binyuze muri iki cyumweru cy'amasengesho!

¹Imigani ya Kristo, p.114.

Icapiro ry'itorero ry'Abadiventisti b'Umwami wa Karindwi Bavugurura
"Icyo isi ikeneye cyane kurusha ibindi byose ni abantu batagurwa
cyangwa ngo bagurishwe" – *Uburezi*, p.57.

Umwanditsi Mukuru
Umwanditsi Wungirije
Ushinzwe Ubugenzi no Gutunganya Igitaro

L. Tudoroiu
B. Montrose
E. Lee

Web: <http://www.sdarm.org>; E-mail: info@sdarm.org

INTEGUZA Y'UBUGOROZI® (ISSN 0482-0843) ifite imiterere
y'ibinyamakuru, ikavugaga ku nyigisho ya Bibiliya izakungahaza imibereho
y'iby'umwuka y'abashakira kumenya Imana biruseho. Icapwa buri mezi
abiri n'Inteko Nkuru Rusange y'Abadiventisti b'Umwami wa Karindwi Ba-
vugurura, Agasanduku k'ipostita 7240 Roanoke, VA 24019 – 0240, USA.

Bicapwa kandi Bigakwirakwizwa n'icapiro ry'Integuza y'Ubugorizi.
Ushaka gutera inkunga no gufasha uyu murimo wakwifashisha imyiron-
doro ikurikira: Periodical postage paid at Roanoke, Virginia 24022.

Subscription rates:

United States: \$18.00; Foreign countries: \$16.00 plus shipping;
Single issue: \$4.00 plus shipping
www.subscriptions.reformationherald.com

POSTMASTER: Send address changes to The Reformation Herald,
P.O. Box 7240, ROANOKE, VA 24019.

Umuzingwa wa 64, Nimeru ya 4; Uburenganzira bw'umwanditsi ©
2023 Ukwakira-Ukuboza.

Illustrations: Adobe Stocks.

KUMENYA IMANA

KUMENYA IMANA

Gufata umwanzuro w'abo tugomba kuvugana nabo ndetse twagirana ubucuti bigira itandukaniro rikomeye mu mibereho y'umuntu. Imbuga nkoranyambaga hari aho zagize impinduramatwara ku myifatiye ya benshi, nkuko aribwo buryo bw'itumanaho ribangutse kandi rihora rikoresha. Mu buryo ubwo aribwo bwose, bwaba ari imbuga nkoranyambaga, telefone, ubutumwa bwanditse, ibaruwa cyangwa se ukavugana n'umuntu muri kumwe, itumana ho ni ryiza, ni inshuti nziza ishobora mu by'ukuri kudukomeza mu buzima. Ku rundi ruhande, inshuti mbi itari nyakuri cyangwa inshuti mbi yakwangiza ishobora kugukururira ugucika intege cyangwa se n'agahinda gakabije. Ikigero cy'imikoraniye, imbaraga zayo, ndetse n'inshuro tuyigiranye, byose bituma habaho itandukaniro.

Kuri iyi ngingo dushobora kugira amahitamo arenze ayo twashoboraga gusobanukirwa. Ibintu nk'ibyho mu buzima birenze ibyo dushobora gutegeka, ariko rero hari ibindi bintu dushobora gufatira umwanzuro ku cyo twakora runaka. Intumwa Pawulo yatanze umuburo ati: "Ntimuyobe, kwifatanya n'ababi konona ingeso nziza" (1Abakorinto 15:33).

"Nta kintu gishobora kuburizamo neza cyangwa gukumira ibyiyumviro bidakebakeba n'ibyifuzo byiza kuruta kwifatanya n'abantu b'abapfapfa, abatagira icyo bitaho kandi bangiritse mu ntekerezo.... Uko barushaho kwitabira ibindi bintu, niko imbaraga ihindura ibaturukaho ikwiriye gukemangwa nk'abantu b'incuti kubera ko umuntu utita kuby'idini bamukikiza ibirangaza byinshi biteza akaga."¹

ITANDUKANIRO RITANGAJE

Nyamara se byagenda bite niba dushyikirana kandi tukiga kumenya neza, wa Wundi utunganye, wera kandi uboneye? Mbega imigisha tutabona icyo twayigereranyaho! Kubwo gushyikirana byimbitse n'Umuremyi wacu, imibereho yacu y'iby'umwuka irakoresha kandi igahabwa imbaraga, imicombonera yacu ihagarara yemye, umutima wacu urabonezwa.

"Uwiteka yaduhamagariye kuva mu b'isi kugirango tumubere ubwoko bwera kandi bwihariye. 'Ni ukuri nagukunze urukundo ruhoraho, ni cyo cyatumye ngukuruzza ineza nkakwiyegereza' (Yeremiya 31:3). Mbese uri kwegera Imana? Niba ariko biri, menya udashidikanya ko Imana nayo iri kukwegera."²

"Niba Uwiteka dukomeza kumushyira imbere yacu, tukemerera imitima yacu kumushima no kumuhimbaza, tuzahora turi bazima mu mibereho yacu y'iby'iyobokamana. Amasengesho yacu azagira ishusho yo kuganira n'Imana nkuko tunganira n'inshuti. Azatubwira iby'ubwiru Bwe twebwe ubwacu. Buri gihe tuzagira ibyishimo by'agahozo kubwo kwiyumvamo ko turi kumwe na Yesu. Imitima yacu izagurumanishwa n'uko Uwiteka atwegereye kugirango asabane natwe nkuko yasabanye na Henoki. Igihe ibi bizaba ukuri mu mibereho y'umukristo, [icyo gihe] mu mibereho ye hazagaragara ukwiyoroshya, kwicisha bugufi, ubugwaneza no kuba uworoheje mu mutima, kugirango bigaragarize bose uwo bashyikirana ko yabanye na Yesu kandi akigishwa na We."³

Iki nicyo ab'isi bafitiye inzara n'inyota byo kukibona. Nitutagirana na Kristo iyi sano yimbitse, uku gushyikirana na We twebwe ubwacu, imihati yacu y'ibwirizabutumwa mu izina Rye izaba imfabusa.

"Gusukwa k'Umwuka Wera mu gihe cy'intumwa kwari 'imvura y'umuhindo', kandi byagize umusaruro utangaje. Nyamara imvura y'itumba yo izaba ari nyinshi kurushaho."⁴

Imibereho y'ababayeho mu gihe cy'imvura y'umuhindo ishobora kwisubiramo muri iki gihe; ndetse mu buryo busendereye: "Babonye ubushizi bw'amanga bwa Petero na Yohana, kandi **bamenye ko ari abaswa batigishijwe baratangara, maze bibuka ko babanaga na Yesu**" (Ibyakozwe n'Intumwa 4:13, inyunganizi yongeweho).

"Igihe ubwoko bw'Imana bucishije bugufi imitima imbere Yayo, buri wese agashaka Umwuka Wera w'Imana n'umutima wose, hazumvikana amagambo y'abantu atanga ubuhamya nk'ubwerekaniye muri iki cyanditswe, 'Hanyuma y'ibyo mbona marayika wundi amanuka ava mu ijuru afite ubutware bukomeye isi imurikirwa n'ubwiza bwe.' Mu maso h'abantu hazarabagirana urukundo rw'Imana, hari iminwa izakozwa umuriro wera, maze ivuge iti: 'Amaraso ya Yesu Umwana Wayo atwezaho ibyaha byose'."⁵ R

Aho Biboneka:

¹Ibiamya by'Itorero, vol 3, p.126.

²Letter and Manuscripts, vol 6, Letter 31, 1889.

³Imigani ya Kristo, p.129,130.

⁴Ibiamya by'Itorero, vol 8, p.21.

⁵The Ellen G White 1888 Materials, p.1008.



KUVUGANA N’ IMANA

Byasonzoranyijwe bikuwe mu Nyandiko za
Ellen G. White

“Umwuka w’ubugingo bw’Imana ubwayo niwo wahumekewe mu muntu, maze ahinduka ubugingo buzima, ahabwa impano z’imicombonera n’ubushake bwo kuyobora imigirire ye. Afite amahirwe yo kuba usangiye n’Imana kamere. Ibi bizamuha imbaraga zo gutsinda ikibi, agire urukundo kandi ahitemo icyiza. Afite umutimanama uyoborwa n’Imana, uzamushishikariza icyiza kiboneye maze ucireho iteka ikibi. Kandi aramutse abishatse, ashobora kugirana umushyikirano n’Imana. Ashobora kugendana n’Imana kandi akavugana na Yo nka Henoki. Nta n’umwe mu bizera Kristo nk’Umukiza wabo bwite ushobora kwihakana uyu mubano wera”.¹

ISANO YERUYE

“Henoki yagendanye n’Imana, kandi igihe umushukanyi yamuteraga, yashoboraga kubibwira Imana. Ntiyagiraga ijambo ritari “Handitswe Ngo” nkuko twe tumeze, ahubwo yari azi Umufasha we wo mu ijuru. Yagize Imana umujyanama we, kandi arushaho komatana na Yesu. Henoki yubahishijwe n’imigirire ye. Yimuriwe mu ijuru adasogongeye ku rupfu. Abantu bose bazimurwa ku iherezo ry’ibihe, ni abazaba barasabaniye n’Imana ku isi”.²

“Imana ivuganira natwe mu byaremwe n’ibyahishuwe, binyuze mu byo iduha, no mu buryo ituyoboresha Umwuka Wayo.

Ariko ibyo ntibihagije, ahubwo na none dukeneye kuyegurira imitima yacu. Kugirango tugire ubuzima n'imbaraga mu by'umwuka, dukwiriye kugirana isano nyakuri na Data wa twese wo mu ijuru. Burya intekerezo zacu zishobora kumwerekeraho, dushobora gutekereza ku mirimo Ye, ku mbabazi Ze, ku migisha Ye, ariko rero ibyo si ugushyikirana na we no gusabana na we by'ukuri. Kugira ngo dusabane n'Imana dukwiriye kugira icyo tuyibwira cyerekeye ibitubaho mu buzima.

"Gusenga ni ukugururira Imana umutima, nk'uko twashyikirana n'inshuti magara. icyakora, igituma ari ngombwa si ukugira ngo tumenyeshye Imana uko turi, ahubwo ni ukugira ngo itubashishe kuyakira. Gusenga ntikutumanurira Imana, ahubwo kuyitegezeaho".³

"Data wa twese wo mu ijuru, ategereje kudusukaho imigisha Ye itagabaniye. Ni amahirwe yacu kunywera ku isoko ngari y'urukundo rutagira akagero. Mbega uburyo bitangaje kuba tugira ubute bwo gusenga!.....

"Mbese ni ukubera iki abahungu n'abakobwa b'Imana bagira umwete muke wo gusenga, kandi gusenga ari urufunguzo ruri mu ntoke zo kwizera rukingura inzu y'ububiko yo mu ijuru, irimo ubutunzi butagira akagero bw'Ishoborabyose? Ni tudahora dusenga ubudacogora kandi ngo tube maso ubutadohoka, tuzaba twishyize mu kaga ko kudebuka no guteshuka inzira itunganye.....

"Niba tugundiriye gukiranirwa ko mu mitima yacu, tukihambira ku cyaha twiyizihye cyose, Uwituka ntabwo azadutega amatwi, nyamara gusenga k'umunyabyaha wihana, ufite umutima ushenjaguritse, kuremerwa igihe cyose. Igihe ibifutanye bizwi byose bifututse, dushobora kwizera yuko Imana izasubiza amashengesho yacu".⁴

GUHORANA N'IMANA

"Nta gihe cyangwa ahantu bidakwiriye ko umuntu yasenga Imana. Nta kintu gishobora kutubuza kuzamura imitima yacu mu mwuka wo gusengana umwete. Haba mu mbaga y'abantu mu nzira, mu mirimo itubyarira inyungu, dushobora

gusenga Imana, kandi tugasaba kuyoborwa nayo nk'uko Nehemiya yabikoze ubwo yasabaga ari imbere y'umwami Aritazeruzi. Dushobora kwiharerana n'Imana aho turi hose".⁵

"Ubukene bwawe, umunezero wawe, imibabaro yawe, n'amaganya

yawe, ndetse n'ibigutera ubwoba, byose ubiture Imana. Ntabwo ushobora kuyiremerera cyangwa kuyinana Ibara umusatsi wo ku mutwe wawe, ntiyirengagiza imibabaro y'abana Bayo. "Uwituka afite imbabazi nyinshi no kubabarira." Yakobo

5:11. Umutima We w'urukundo ukabakabwa n'imibabaro yacu ndetse yemwe n'igihe turi kuyivuga. Umushyire ibikubabaza byose biguhoza ku nkeke. Nta kintu na kimwe kiremerera Imana, kuko iramira amasi igategeka ibyo mu ijuru no mu isi byose. Ikibasha kuduhesha amahoro cyose nubwo cyaba gitoya, ntiyagikereza.

Nta kitubaho mu mibereho yacu cyijimye cyane ku buryo adashobora kugisoma; kandi nta cyatuzigira Imana itabasha kutuziguraho".⁶

MUSABE, MUSHAKE, MUKOMANGE

"Musabe." Gusaba bigaragaza ko musobanukiwe icyo mukeneye; kandi nimusaba mufite kwizera muzahabwa icyo musaba. Uwituka yarahiye ijambo Rye, kandi ntazananirwa kubisohozaho. Igihe mumusanze mufite imitima imenetse, ntimugashidikanye igihe musaba ibyo Uwituka yasezeranye. Igihe musaba imigisha mukeneye, kugira ngo mugire imico isa n'iya Kristo, Uwituka abahamiriza yuko musaba ibihuje n'isezerano rizasohozwa. Kwiyumvamo no kumenya yuko uri umunyabyaha birahagije kugira ngo ubashe gusaba impuhwe n'imbabazi by'Imana. Gusanga Imana ntibigombwa yuko wera, ahubwo igishakwa n'uko wakwifuzaga yuko yakuhagira ibyaha byawe byose no kukuboneza ugakurwaho gukiranirwa kose. icyo tugomba gusabira ubu kandi twahora dusabira, ni ubukene bwacu bukomeme, n'imibereho yacu itagira gifasha bituma dukenera Imana n'imbaraga yayo y'agakiza.

"Mushake." Ntimukifuzaga imigisha y'Imana gusa, ahubwo mwifuzaga Imana ubwayo. "Noneho iyuzuzeye nayo, ubone amahoro." (Yobu 22:21). Mushake, muzabona. Imana irabashakaga, kandi igituma mwifuzaga kuyisanga, ni uko mureshywa n'Umwuka Wayo. Mwemere uwo Mwuka ubareshya. Kristo ari gusabira abageragezwa, impabe, n'abadafite kwizera. Arashakaga kubabyutsa ngo bashyikirane na We. "Numushaka, uzamubona." 1 Ngoma 28:9.

"Mukomange." Dusanga Imana ku bwo kurarikwa kudasanzwe, kandi itegereje kutwakirira mu cyumba cy'aho

ibonanira n'abantu... Mureke abifuzaga umugisha

w'Imana bakomange kandi bategerereze ku rugu rw'imbabazi bafite kwizera gushyitse, bavugaga bati, kuko wowe, Uwituka, wavuze ko "umuntu wese usaba ahabwa; ushatse abona; n'ukomanga akingurirwa".⁷

"Umuvandimwe wacu Mukuru ari ku ntebe y'ubwami ihoraho. Yitegereza umuntu wese umureba akamuhanga amaso nk'Umukiza we. Asobanukiwe n'intege nke z'abantu, azi ibyo dukeneye, ndetse n'ahari imbaraga z'ibigerageze duhura nabyo; kuko yageragejwe mu buryo bwose nkatwe, ariko ntiyakora icyaha. Wowe mwana w'Imana utentebutse, akwitayeho. Mbese urageragezwa? Azakurokora. Mbese ufite intege nke? Azagusubizamo imbaraga. Mbese ubuze ubwenge? Azakumurikira. Mbese ufite ibikomere? Azomora inguma zawe.... Uko imibabaro yawe n'ibikugerageza byaba bimeze kose, ibyawe byose ubyereke Uwituka. Umutima wawe uzahabwa imbaraga zo kwihangana. Uzakingurirwa inzira kugira ngo wigobotore ibikubabaje n'ibikururije. Uko ugenda wimenya ko uri umunyantega nke cyane kandi ko urushijeho kuba impezamazayo, ni ko uzarushaho kuba umunyambaraga mu mbaraga Ze. Uko imitwari yawe irushaho kuremera cyane, ni ko urushaho guherwa uburukiro bw'umugisha mu kwikoreza imitwari yawe Wa wundi Uyikorera".⁸

KUBAHA GUKOMEYE

"Kwicisha bugufi no kubaha niyo myitwarire igomba kuranga abaje imbere y'Imana bose. Mu izina rya Yesu, tubasha kuza imbere y'Imana ntacyo twikanga, ariko ntitugomba kuyihinguka imbere twifashe uko twishakiye, twibwira ko ahari yaba iri ku rwego rumwe n'urwacu. Hari ababwirira Imana ikomeye, ifite ububasha bwose kandi yera, kandi iba mu mucyo utegerwa, nk'aho baba babwira umuntu bangana, cyangwa se uwo baruta".⁹

"Kubaha Umuremyi wacu bigenda birushaho kubura, kandi kwirengagiza gukomera Kwe n'icyubahiro Cyerekeraho kwiyongera. Nyamara Imana ivugana natwe muri iyi minsi y'imperuka....

"Igihe ijwi rituje ryakurikiye umuyaga w'ishuheri na serwakira yanyeganyeje ibitare ryumvikanye, nimutyo abantu bose bipfuke mu maso habo kuko Imana iri hafi. Nimutyo bihishye muri Yesu Kristo kuko ari we bwihisho bwabo. Ubusate bwo mu rutare

buhishwa n'ikiganza cye cyatewemo imisumari mu gihe umushaka yicishije bugufi amutegereza yunamyeye ngo yumve ibyo Uwiteka abwira umugaragu we".¹⁰

AMAHIRWE AKOMEYE

"Ni ikintu gitangaje kuba dushobora gusenga tukumvirwa, kuba abantu badakwiriye, abanyabyaha bapfa, bafite imbaraga zo gutura Imana ibyo bayisaba. Mbese ni iyihe mbaraga isumba iyindi ibiremwa-bantu bakwifuzaga iruta kuba umuntu yagirana umubano n'Imana ihoraho? Umuntu w'umunyanteye nke kandi w'umunyabyaha afite amahirwe yo kuvugana n'Umuremyi we. Dushobora kuvuga amagambo agera ku ntebe ya cyami y'Umwami w'ijuru n'isi. Dushobora kuvugana na Yesu igihe tugenda mu nzira, kandi na we aravugaga ati: "Ndi iburyo bwawe".

"Dushobora gusabanira n'Imana mu mitima yacu; kandi dushobora kugendana na Kristo. Igihe dukora imirimo yacu ya buri muni, dukwiriye gusohora icyifuzo cy'umutima wacu ku buryo nta gutwi k'umuntu uwo ariwe wese kucyumva; ariko iryo jambo tuvuze ntirishobora guhita rititaweho, cyangwa ngo rizimire. Nta kintu na kimwe gishobora gupfukirana icyifuzo cy'ubugingo. Icyifuzo cy'ubugingo kirazamuka kikarenga urusaku rwo mu nzira n'urusaku rw'imashini zisakuza. Imana niyo tuba tubwira, kandi yumva amasengesho yacu.

"Musabe muzahabwa. Musabe kwicisha bugufi, musabe ubwenge, ubutwari no kongererwa kwizera. Isengesho ryose rivuye ku mutima riza-subizwa. Igisubizo gishobora kudahita kiza ako kanya igihe ugishakira, cyangwa igihe ucyiteze; ariko kizaza mu buryo ndetse n'igihe kizahuzana neza rwose n'ubukene bwawe. Amasengesho usenze wihereye, uremerewe cyangwa uri mu bigeragezo, iteka Imana ntiyasubiza nkuko wari ubyiteze, ahubwo iteka iyasubiza iguha ibikugirira neza".¹¹

"Inzira igana ku ntebe ya cyami y'Imana ihora ikinyuye. Ushobora kudahora upfukamyeye igihe cyose usenga, nyamara amasengesho yawe ya bucece ashobora guhora azamuka ajya imbere y'Imana usaba imbaraga no kuyoborwa n'Imana. Igihe uzaba ugeragejwe, ushobora guhungira ahantu ujya wiharerana n'Isimbabyose. Amaboko Ye y'iteka azakubumbatira....

"Musenge mufite imitima yicishije bugufi. Muhore mushakira Uwiteka

mu isengesho. Ijisho rireba Yesu mu rwiherero gusa, kandi niho ugutwiye kuba gufunguriwe kumva Yesu. Uva mu isengesho ryo mu rwiherero ujya mu gicucucu cy'Ishoborabyose. Ibigeragezo nibiza, ahubwo biza-sanga urushijeho kuba hafi ya Yesu, n'ikiganza cyawe gifashe mu Cyeye. Nibwo uzunguka ubunararibonye bw'agahozo, uruhukire mu rukundo Rwe, kandi wishimire mu mbabazi Ze. Ibiguhangayikisha, ibigutera inkeke, n'amaganya bireyuka, maze ukishimira muri Yesu Kristo. Umutima uban-gukira kumva ijwi rya Data wa twese, ndetse uzasabana n'Imana. Kunegurana kose bizacibwa, kandi gucira abandi imanza kose bizirukanwa mu mutima".¹²

ISENGESHO RYO MU RUHAME

"[Abantu] bese bakwiriye kumva ko gusenga amasengesho magufi ari inshingano ya Gikristo. Nimubwire Umwami Imana icyo mushaka, mutagombye kuzenguruka mu isi yose. Mu isengesho ryo mu rwiherero, abantu bese bafite amahirwe yo gusenga amasengesho maremare nkuko babishakira, kandi bagasobanura ibyabo nkuko babishakira. Bashobora gusengera bene wabo ndetse n'incuti. Mu rwiherero niho hantu tuvugira ingorane zacu bwite, n'ibitugerageza, ndetse n'ibishuko duhura nabyo. Iteraniro rusange ryo kuramya Imana ntabwo ari ahantu ho kuvugira amabanga yo mu mutima. Mbese ni iyihe ntego y'iby'iyobokamana?

"Ndatinye ko hariho bamwe badashyira Imana ibibagoye mu isengesho ryo mu rwiherero, ahubwo bakabibikira isengesho ryo mu materaniro, maze bageraye bagasenga bigashyira kera. Abantu nk'abo bashobora kwitwabica amasengesho yo mu materaniro n'ibiganiro. Nta mucyo basakaza; ntawe bakomeza. Amasengesho yabo maremare akonje kandi y'ubutita, ndetse n'ubuhamya bwo gusubira inyuma bitera igihu. Abantu bese barishima iyo bayarangije, kandi biba bisa nk'aho bidashoboka kwigizayo ubukonje n'umwijiama amasengesho no guhugura kwabo bizana mu iteraniro. Mpereye ku mucyo nahawe, amateraniro yacu akwiriye kuba ay'umwuka no gushyikirana n'abandi, kandi ntakabye kuba maremare. Kwicekera, ubwibone, ibitagira umumaro, n'ubwoba by'umuntu bikwiriye gushyikirana imuhira. Amatandukaniro mato n'urwikekwe ntidukwiriye kubijyana muri aya materaniro. Nko mu mury-

ango urimo ubumwe, kwiyoroshya, ubugwaneza, icyizere, n'urukundo bikwiriye kuba mu mitima ya bene data na bashiki bacu bahurira hamwe kugirango bahemburwe kandi bahabwe imbaraga no guhuriza imicyo hamwe".¹³

ISENGESHO RYO MU RWIHERERO

"Isengesho ryo mu muryango cyangwa isengesho ryo mu ruhame ntirihagije. Isengesho ryo mu rwiherero ni ingenzi cyane; umutima uza imbere y'ijisho rigenzura ry'Imana nk'uwambaye ubusa, kandi buri mpamvu yose igasuzumwa. Isengesho ryo mu rwiherero! Mbega ukuntu ari iry'igicro! Ubugingo bushyikirana n'Imana byimbitse! Isengesho risengwa Imana rigomba kumvwa gusa n'Imana yumva amasengesho. Nta gutwi k'umunyamatsiko kugomba kwakira umutwari w'isengesho nk'iryo. Mu isengesho ryo mu rwiherero umutima uba ufite umudendezo utabangamiye n'imbaraga ziba ziri ahawuzengurutse, ndetse no gutwarwa kw'amarangamutima. Rizazamuka rigere ku Mana mu mutuzo, nyamara kandi mu buryo risenganywe umwete. Inshuro nyinshi isengesho ryo mu rwiherero rihindurirwa icyerekezo, maze umugambi waryo mwiza ukazimira, kubwo gusenga n'ijwi riranguruye. Aho kugirango umutima wiringire mu mutuzo n'ubwitonzi kandi ngo wizere Imana, ngo ukurikire Imana na ijwi ryoroheje kandi ryicishije bugufi, ijwi rirazamurwa rikarangurura cyane, no gutwarwa kw'amarangamutima kukiyongera, maze isengesho ryo mu rwiherero rigatakaza imbaraga yaryo yoroshya umutima kandi yera. Habaho umugaru w'ibyo umuntu yiyumvamo binyuranye, n'umugaru w'amagambo, maze bigahinduka ibidashoboka ko umuntu yumva umutuzo n'ijwi rito rivugana n'umutima igihe umuntu ari mu gushyikirana n'Imana mu rwiherero, mu kuri kandi abikuye ku mutima. Isengesho ryo mu rwiherero risenzwe mu buryo bukwiriye rigira umusaruro w'ibyiza byinshi. Nyamara isengesho ryumvwa n'abagize umuryango wose, ndetse n'abaturanyi ntabwo ari isengesho ryo mu rwiherero, nubwo ritekerezwa ko ari ryo; kandi ntabwo rivamo imbaraga ituruka ku Mana. Imbaraga nziza kandi itura mu muntu ikomoka kuri wa wundi ureba ibyihereye, wa wundi ufite ugutwi gufunguriwe kumva isengesho riturutse ku mutima. Binyuze mu kwizera gutuje kandi koroheje ubugingo bushyikirana

n’Imana, maze bukirundanyirizaho imyambi y’umucyo uva ku Mana yo kubuha imbaraga no kubukomeza ngo bubashe kwihangana mu ntambara burwana na Satani. Imana niyo munana w’imbaraga zacu”.¹⁴

“Ahantu hiherereye ho gusengera, aho nta jisho ritureba uretse iry’Imana, aho nta gutwi kumva uretse ukwayo, ni ho dushobora kubwirira Data wa twese w’impuhwe ibyifuzo byacu bihishwe n’ibyo dushaka byose, kandi muri urwo rwiherero n’ituzza byo mu mutima, rya jwi ritananirwa gusubiza gutaka k’ubukene bw’abantu rizavugana n’imitima yacu....

“Abashakira Imana mu rwiherero bakabwira Uwituka ubukene bwabo bamwingingira kubafasha, ntibazingingira ubusa”.¹⁵

ICYITEGEREREZO CYISENGESHO

“Data wa twese uri mu ijuru, tuje imbere yawe muri aka kanya nkuko turi, abakene, indushyi n’abatagira gifasha, keretse gusa nuturamira. Kandi waravuze uti: “Yisunge imbaraga zanjye abone kuzura nanjye, ndetse niyuzure nanjye.”

“Isengesho ry’iri teraniro rikugereho muri aka kanya rifite imbaraga imbere y’intebe yawe ya cyami. Tuzi ko Umukiza wacu ashya ikiganza Cyeye imbere yawe akavuga ati: “Nguciye mu biganza byanjye nk’uca imanzi.” Mana ndagusabye kubwa Kristo, kugirango wemere amasengesho yacu tugutuye. Ntibazi ibibari imbere, ariko bafite isezerano ryawe ko gukiranuka kwawe kuzabajya imbere kandi ko icyubahiro cy’Uwituka kibababerekeza. Turagukunda, Mukiza wacu; kandi twifuzaga ko uteranyiriza mu gihome cyawe buri wese kugirango gukizwa bimushobokere. Turakwinginze iri teraniro urigoteshe ubutungane bwawe kuri uyu muni w’Isabato. Umucyo w’ijuru umurikire ubwoko bwawe buri hano. Reka Umwuka Wera aje ku bari budukurwemo. Mwami, twababwiye ko tuzabasabira, none ubu tugutuye amasengesho tubasabira; turagusaba ngo ubafashe kwambara intwari zose z’Imana. Ubafate mpiri Mwami, maze uyu muni ubategurire umurimo. Mwami, ndakwinginze kugirango ubakingurire inzugi aho bashobora kwinjira. Hano hari bamwe bari kwi-

tegura kujya mu Bushinwa mu kanya gato. Ubagire abakwiriyemo umurimo, Mwami; ubahe ubutwari, ubategurire inzira. Bize uburyo bwo kubwira ukuri kw’Imana abo mu gihugu cyabo; none se ubwo uzabafasha Data?

“Ndakwinginze Mwami, kugirango ukangure itorero uko batigeze bakanguka mbere hose. Ukabakabe imitima yabo Mwami. Benshi muri bo ubu baguye ikinya, kuko bakoze bike cyane; ariko igihe batangiye kugukoreshereza ubushobozi bwabo, tuzi ko uzabaha imbaraga yawe ihembura. Data, ndagusabye kubw’izina rya Yesu w’i Nazareti, uhe umugisha iri teraniro ryose. Reka abanyabyaha bo muri Siyoni bemeze ibyaha byabo n’imbaraga y’Imana. Reka bahindire umushyitsi imbere yawe, kugirango batirengagiza kugushaka kugeza igihe amazi araba yarenze inkombe. Ndagusabye Mwami kubugururira imitima kugirango bakire Umukiza, We uri gukomanga asaba kwinjira, kugeza ubwo umusatsi wo ku mutwe we utondwaho n’ikime cya nijoro. Data, Data, kubwa Kristo ukabakabe buri mutima wa buri wese uri muri iri teraniro!

“Ndagusabye Yesu, kugirango agakiza k’Imana gahishurwe, kandi n’abantu bacu batanze impano zabo kugirango zifashe umurimo, ntibazagwe isari ngo bacogore gukora neza. Tuzi ko umuhamagaro wiyungikanaye kubageraho, nyamara Data, ubahe impano, ureke bagerweho n’imigisha y’imvura, izuba, byo gutuma imirima yabo yera imbuto.

“Ndagusabye Data wa twese wo mu ijuru, kugirango imigisha yo mu ijuru isekere kuri iri teraniro, igihe baraba batashye, bagerageze gusura abaturanyi babo mu kwicisha bugufi, kugirango bafashe abarwayi no gukora umurimo w’ibwirizabutumwa aho bari hose.

“Data, mpanze amaso iburyo bwawe. Wagiye wumva amasengesho yanjye mu bihe byinshi. Ndakwizeye, nezerewe muri wowe, kandi nziko Ijambo ryawe rizasohora.

“Uhire abanyabyaha bari hano. Uhe umugisha urubwirirako ruri hano. Ubwo baraba bagiye mu mashuri kwiga, ubashoboze, kugirango bashobore

kuba ababwirizabutumwa b’Imana. Ubakire uko bari. Ubagoteshe amaboko y’imbabazi zawe, kandi ubakunde ntacyo basabwe, izina ryawe nirihabwe icyubahiro igihe umuryango uraba uteraniye imuhira ku bwawe, igihe tuzaba twunze ubumwe nk’abizera bagize umuryango wa cyami, abana b’Umwami w’ijuru.

“Ndagushimira ko dufite Imana yumva gusenga; kandi ko dufite Umukiza ukabakabwa no kumva ubumuga bwacu ndetse tukaba dufite amahirwe yo gukorera agakiza k’imitima. Uhe umugisha abagabura bacu, ubagoteshe imbaraga yawe. Reka Umwuka Wera abagenderere. Reka ijuru rikinguke, maze umucyo w’ubwiza bwawe uhishurwe, reka bimenyekane ko hari Imana muri Isirayeli yumva kandi igasubiza amasengesho.

“Ubu ngubu ukweguriye byose. Tuzi ko aba babwirizabutumwa bazakomezwa n’imbaraga yawe, kuko ari wowe wenyine ushobora kubarinda kandi izina ryawe ry’umugisha rigahabwa icyubahiro cyose, guhimbazwa kose, none n’iteka ryose. Amena”.¹⁶

Aho Biboneka:

¹*Ibimenyetso by’Ibihe*, kuwa 26 Kanama 1897.

²*Ibid*, kuwa 11 Ugushyingo 1897.

³*Kugana Yesu*, p.93.

⁴*Ibid*, p.94,95.

⁵*Ibid*, p.99.

⁶*Ibid*, p.100.

⁷*Ibitekerezo byo ku Musozi w’Umugisha*, p.130,131.

⁸*Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.329.

⁹*Abakurambere n’Abahanuzi*, p.252.

¹⁰*Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 2, p.315,316.

¹¹*Ubutumwa ku Basore*, p.250.

¹²*Heavenly Places*, p.86.

¹³*Ibihamya by’Itorero*, vol 2, p.578.

¹⁴*Ibid*, p.189.

¹⁵*Ibitekerezo byo ku Musozi w’Umugisha*, p.84,85.

¹⁶*Manuscript Releases*, vol 4, p.294 – 296.

Wowe mwana w’Imana utentebutse, akwitayeho. Mbese urageragezwa? Azakurokora. Mbese ufite intege nke? Azagusubizamo imbaraga. Mbese ubuze ubwenge? Azakumurikira. Mbese ufite ibikomere? Azomora inguma zawe



UBUMENYI BWICA

Byateguwe na **ROLLY C. DUMAGUIT**

Perezida wa mbere wungirije, w'Inteko Nkuru Rusange

AKAGA MURI EDENI

Mu ngobyi ya Edeni, hari harimo ibiti bibiri bidasanze, buri cyose muri byo cyatewe n'Imana kubw'umugambi utandukanye n'uw'ikindi. icya mbere cyari igiti cy'ubugingo cyari gifite ubushobozi bwo gukiza – cyari isoko y'ubuzima buzira umuze no kudapfa, mu gihe icya kabiri cyo cyari igiti cyashoboraga kumenyekanisha icyiza n'ikibi. Eva yariye ku mbuto z'iki giti cya kabiri igihe igihe “yashukwaga n'inzoka bituma atekereza ko hari ikintu bimwe cyari kuba cyarabagize abanyabwenge; ndetse bakamera nk'Imana. Mu kigwi cyo kwizera

Imana no kuyiringira, yashidikanyije ubugiraneza Bwayo, kandi yashyize imbere amagambo ya Satani.”¹

“Hano se w'ibinyoma ibyo yavuze byari bibusanye rwose n'ibyavuzwe n'ijambo ry'Imana. Satani yahamirije Eva ko yaremanywe ukudapfa, kandi ko muri we nta bushobozi bwo gukiza bwari bumuri-mo. Yamubwiye ko Imana yari iziko we n'umugabo we nibarya ku giti cy'ubwenge, ubwenge bwabo bwari kumurikirwa, bukaguka, kandi bukabonezwa, bigatuma bahwana n'Imana.”²

“Amaze gucumura, Adamu yabanje kumva asa nk'aho azamu-

tse mu ntera y'ubuzima no kuba mushya. Ariko hashize akanya gato, yatekereje icyaha amaze gukora maze amarwa n'ubwoba. Umwuka wari mwiza ndetse n'ikirere cyiza bari bafite, byatangiyeye kubahindukira igishinje. Abo bantu bari bacumuye biyumvagamwo icyaha. Urukundo, amahoro n'umunezero bari bafite byari byayoyotse, kandi mu cyimbo cyabyo bumvaga bafite icyaha, ubwoba bw'ibyari bigiye kubabaho, ndetse bumva umutima wabo usa nk'uwambaye ubusa. Urukundo rw'agahebuze, amahoro, umunezero uhebuje byasaga nk'ibyabakuweho, kandi mu cyimbo

cyabyo bumvaga hari icyo bakeneye uko bitari byarigeze bibabaho mbere. Ibitekerezo byabo babanje kubyer- ekeza ku bigaragarira inyuma. Nti- bari bambaye ahubwo bari batwikiri- we n'ubwiza nk'abamarayika bo mu ijuru. Uyu mucyo wari ubafurebye wabakuweho. Kugirango haboneke ubufasha ku bukene no kwam- bara ubusa biyumvagamo ko bafite, ubwenge bwabo babwerekeje ku gushaka icyo kwambara; none se ubwo bashoboraga bate guhura n'Imana n'abamarayika batambaye?

"Ubwo noneho icyaha cyabo cya- bashyizwe imbere mu miterere ya- cyo nyakuri. Ugucumura amategeko y'Imana kwabo byagaragaje imiter- ere yabyo nyakuri. Adamu yitakanye Eva amuhora ubupfayongo yagize ubwo yamuvaga iruhande akemera gushukwa n'inzoka. Bombi biremye agatima yuko Imana yabahaye buri kintu cyose ngo kibanezeye, yashob- oraga kubabarira ukutumvira kwa- bo, kuko yabakundaga bikomeye ndetse yuko igihano cyabo kitari kuba gikangaranyije cyane kuruta ibindi byose".³

Icyo gihe impagarike yabo ya- hise igerwamo na kamere nshya. Kubogamira ku kibi byari bibarem- wemo, icyo gihe ubushobozi bwo kukibogamiraho bwabagize im- bata. Bari bageze ku ntera nshya y'ubunyacyaha. Intera nshya yo kumenya gukora ikibi. "Nuko Ad- amu na Eva bakoreshwa na Satani kugeza ubwo bari bagiye gutan- dukana n'Imana, kandi ubumenyi bakuye ku mwigisha w'ibinyoma; bwaratangiye kugirango bashobore kugira ubwenge Imana itari yarabe- mereye kugira, - kumenya ingaruka z'icyaha."⁴

"N'abantu kandi bari ba- gifite imbaraga n'ibigango [nk'iby'abakurambere babo]... Hariho ibihangane byinshi, abantu b'igiharararo n'abanyembaraga, ibi- rangirire mu bwenge, inararibonye mu gukora imirimo yuzuye ubu- hanga kandi y'agatangaza; nyamara ikidodo cyo kuba barirunduriye mu gukiranirwa cyagabanyije ubumenyi n'ubwenge bwabo.

"Imana yari yarahaye abantu ba- bayeho mbere y'Umwuzure impano nyinshi kandi z'igicro; ariko ba- zikoresheje bishyira hejuru ubwabo, maze zibahindukira umuvumo kuko ari zo barangamiye aho guhanga amaso Uwazitanze.... Kuko bari

batacyifuza kugira Imana mu bi- tekerezo byabo, ntibyatinze, batangi- ra guhakana ko ibaho. Basengaga ib- yaremwe mu mwanya w'Imana yabi- remye. Barataga ubwenge bwa ki-

muntu, bakaramya imirimo y'into- ke zabo, maze bakigisha n'abana babo gupfukamira ibigirwamana....

"Abantu bimuye Imana mu bwenge bwabo, maze baramya ibishushanyo biremeye; hanyuma ku iherezo, barushaho guhinduka inkozi z'ibibi... Niba intekerezo zitazamuwe ngo zirenge urugero rwa kimuntu, niba zitazamuwe no kwizera mu rwego rwo guso- banukirwa ubwenge n'urukundo bitarondoreka, umuntu azahora arushaho guhenebera.... Imana yari yahaye abantu amategeko Yayo ngo ababere umushorera mu mibereho yabo, nyamara barayacumuye, kandi ibyaha byose byakozwe kubera iyo mpamvu. Abantu bakoraga ubu- gome ku mugararago nta gutinya, ubutabera bwaribatirwaga hasi nk'umukungugu, maze imiborogo y'abarengana igeru mu ijuru."⁵

Hanyuma bacukumbuye ubwenge bwabuzanyijwe bw'isano mbi yo gushyingiranwa:

"Gushaka abagore benshi nibwo byari bigitangira, n'ubwo byari binyuranyije n'umugambi w'Imana. Uwiteka yahaye Adamu umufasha umwe, kandi amwerekaga gahunda agomba kubahiriza. Ariko nyuma yo gucumura, abantu bahisemo gu- kurikiza irari ryabo ry'icyaha; maze ku iherezo ubwicanyi n'ubugome birushaho kwiyongera. Haba ib- yerekeye gushyingiranwa, haba n'uburenganzira ku mutungo, nta na kimwe cyubahirijwe. Uwifuzaga umugore cyangwa ubutunzi bwa mugenzi we, yabitwaraga ku ngufu, maze abantu biroha mu bikorwa by'urugomo. Bashimishwaga no gut- semba ubugingo bw'inymaswa; maze kubwo kurya inyama bahindu- ka abicanyi ruharwa n'inkorambaraso, kugeza ubwo ubugingo bw'umuntu busigara ntacyo bubabwiye."⁶

Ubushakashatsi bw'ubu bwenge bwabuzanyijwe ntabwo bwarangi- ranye n'ubuharike gusa. "Niba hari icyaha cyiyongera ku bindi cyakuru- riye ukurimbuka abantu babayeho mbere y'umwuzure, cyabaye icyaha nkoraruguma aho umuntu yasam- banaga n'itungo ibyo bikaba byarah- anaguye ishusho y'Imana mu muntu kandi bitera urujijo ahantu hose. Imana yagambiriye kurimbuzi um- wuzure abo bantu b'abanyembaraga kandi baramaga bari barangije imi- girire yabo imbere y'Imana."⁷

Gushakisha ubumenyi bushya kandi buteye imbere biracyakomeje. Nyamara ubumenyi bari bari bafitiye inyota yo kugeraho; bwahimbwe na se w'ibinyoma. Bidatinze gutekereza kw'imitima yabo kwakomeje kuba kubi gusa, nuko Uwiteka abwira

Nowa ati: "Therezo ry'abafite umu- biri bose rije mu maso yanjye, kuko isi yuzuye urugomo ku bwabo, dore nzabarimbura n'isi" (Itangiriro 6:13). Nta n'umwe warokotse inga- ruka zo gukoresha nabi ubumenyi kwabo. Bose bishwe [n'umwuzure] uretse Nowa n'umuryango we.

UMUNARA W'I BABELI

Amazi y'umwuzure ubwo yari amaze gukama, "Abifuzaga kwibagirwa Umuremyi wabo kandi bakanga no kubahiriza amategeko Ye, bumvaga barakazwa n'inyigisho n'ingero za bagenzi babo bubahaga Imana, maze hashize igihe, bafata umwanzuro wo kwitandukanya n'abasenga Imana....

"Biyemeje kubaka umujyi munini cyane kandi hagati muri wo bagashyiramo umuturirwa w'umunara mumuremye cyane isi yose ikazawutagarira. Ibyo byari bikorewe kugira ngo birinde abantu gutatanira mu mahanga yajyaga kubigarurira. Imana yari yarabwiye abantu gutura ku isi yose, ariko abo bubatsi ba Babeli biyemeje kuguma hamwe, bagakomera, bakagira n'ubwami buzategeka isi yose....

"Abantu bari batuye mu kibaya cy'i Shinari ntibizeraga isezerano ry'Imana ryavugaga ko itazongera kurimbuzi isi Umwuzure. Benshi muri bo ntibemeraga ko Imana ibaho, kandi bakavaga ko Umwuzure watewe n'impinduka zaje mu mikorere y'ibyaremwe. Abandi bizeraga Isumbanyose, kandi ko ari na Yo yarimbuzi isi yariho mbere y'Umwuzure; maze nka Kayini, imitima yabo ihagurukira kugomera Imana. Umugambi umwe wo kubaka umunara kwari ukugira ngo nihabaho undi mwuzure batazagira icyo baba. Mu kubaka umunara ufite uburebure busumba aho amazi y'Umwuzure yageze, bibwiraga ko batazongera guhura n'ingorane zose."⁸

Hahimbwe ubumenyi bushya bw'iby'ubugeni mu bwubatsi no gukora ibishushanyombonera by'amazu. Ubumenyi bwo gute- gura no kuyobora imbaga y'abantu kugirango bubake uyu munara w'agatangaza, nabwo bwatejwe imbere. Ntibyatanzwe hashingwa ub- utegetsi bwa cyami, nuko bimika umuntu umwe aba umwami, umujyi wabo bawugira umurwa w'isi yose mu buryo gusa gusuzugura Imana.

"Mu kanya gato, imirimo ya- gendaga neza ihagarikwa mu buryo butunguranye. Abamarayika batum- we gukoma mu nkokora umugambi w'abo bubatsi. Umunara wari ugeze mu bushorishori hejuru cyane kandi abantu bari hejuru ntibyari biki-

bashobokera kuvugana n'abari hasi; nuko rero, abantu bashyizwe ahantu hatandukanye, bityo umuntu wakiyaga amabwiriza y'igikoresho bakeneye hejuru cyangwa ibindi byerekeye umurimo uri gukorwa, yamenyeshaga umukurikiye. Muri uko guhererekanya ubutumwa, ni bwo ururimi rwanyuranyijwe, maze hagatangwa ibitasabwe. Urujijo no gucika intege nibyo yakurikiyeho. Umurimo wose warahagaze. Ntihongeye kuboneka kumvikana cyangwa gushyira hamwe. Abubakaga ntibashoboye rwose kumenya impamvu idasanzwe yatuma baturamvika, maze kubera umujinyi no gucika intege, buri wese atangira guherereza icyaha ku wundi. Urwo rudubi rwarangijwe n'imirwano ndetse no kuvusha amaraso. Imirabyo yaturutse mu ijuru yerekana ko Imana itabyishimiye maze isenya igice cyo hejuru bari bamaze kubaka kirarindimuka. Abantu bagombaga kumva ko hari Imana mu ijuru itegeka."⁹

MU BUTAYU

Igihe Imana yarokoraga ubwoko Bwayo ibukuye muri Egipta, Abanyegiputa ndetse na Farawo; bemeye ko Imana y'Abisirayeli ari inyembaraga kandi ko ari Imana nzima. Absirayeli barokowe mu buryo bw'igitangaza bakurwa mu buretwa barabaturwa, baba ubwoko bunezerewe kandi bufite amagara mazima ku buryo bagombaga gukorera Uwitaka wenyine. Imana yabahaye amategeko yo kubayobora n'amabwiriza yo kugenga imigirire yabo mu by'umwuka. Aho kugirango iberekeze i Kanani mu nzira iromboreje bikabafata ibyumweru bibiri, Imana yaberekeje mu butayu [bahazerera] imyaka mirongo ine; kugirango igerageze imico yabo kandi bibatere kumenya biruseho imico y'Imana.

Bageze ku musozi Sinayi, Uwitaka yahaye Mose amategeko cumi. Mu gihe bari batagereye ko Mose agaruka avuye ku Musozi, Absirayeli ntibagize umutuzo kandi bahagaritswe umutima n'impamvu Mose yari yatinze. Ntibarwanye ishyamba ryo gukomeza kujya mbere ngo bajye mu gihugu cy'isezerano ahubwo bigiriye inama yo gusubira muri Egipta, maze ku iherezo bafata umwanzuro wo kwiremera ikigirwamana cy'inanyana y'izahabu cyo kubayobora. Kuko Aroni ariwe wari umuyobozi wungirije, abantu bamusabye kubibakorerera.

"Aroni yatinye gupfa, maze aho kuba inyanga mugayo ngo ahagararire icyubahiro cy'Imana, yemeye ibyo abantu bamusabaga... Yakoze ikigirwamana kiyagijwe gisa

n'ibigirwamana byo muri Egipta. Abantu baravuze bati: 'Iki ni cyo mana yawe, wa bwoko bw'Absirayeli we, yagukuye mu gihugu cya Egipta.' Maze Aroni acika intege yemera yuko Yehova atukwa atyo. Yakoze n'ibirenze aho. Abonye uburyo iyo mana y'izahabu yakiranywe umunzero, yubaka igicaniro imbere yayo, hanyuma ararangurura ati: 'Ejo hazaba umunsi mukuru w'Uwitaka'.... Bitwaje ko bari gukora "umunsi mukuru w'Uwitaka," birunduriye mu kurya baravuyarara ndetse no mu busambanyi bw'indengakamere."¹⁰

Mu cyimbo cyo kwerekeza ukwizera kwabo ku kumenyo no kubera indahemuka Imana nyakuri muri iki gihe cyo gutegereza, bahindukiriye kwemera kumenya imana y'ikinyoma. Bagize ibirori byaje guherukwa n'ubumenyi bwabuzanyijwe bwo kuvuyarara, ubusambanyi, no kwidagadura mu kunywa ibisindisha. Gukunda kwinezeza bitwikirwa bikiyoberanya mu ishusho yo "kubaha Imana"! Idini ryemerera abantu kwirundurira mu inarijye cyangwa mu kunezeza umubiri mu byo ushaka, mu gihe abantu bakora imihango yo kuramya, bene iryo dini muri iki gihe riba rinezeza imbaga nyamwinshi nk'uko byabaye mu minsi y'Absirayeli. Kandi na none haracyariho ba Aroni ba nyamujiryanano, igihe bafite imyanya y'ubuyobozi mu itoreri, bazumvira ibyifuzo by'abantu batiyeguriye Imana, maze kubw'ibyo babashyigikire mu cyaha.

Mu birori byari bikomeye birimo akavuyo kenshi byari birimbanyije, nibwo Mose yageze mu ngando afite ibisate bibiri by'amabuye, nuko abona Absirayeli bari kuramya inyana y'izahabu. Uburakari bwe bwarakongejwe, ajugunya hasi bya bisate by'amabuye, birameneka, ikigirwamana baramyaga [aragisya ifu yacyo ayimanjagira mu mazi], ayanywesha abantu, kugirango abereke ko bitari bibakwiriyeye kugisenga.

Inshuro nyinshi kwemera ubumenyi butanzwe na se w'ibinyoma byagiye byisubiramo. Ni muri ubwo abantu bahinyuye Imana ishoborabyose maze mu cyimbo cyabyo bahisemo kwemera igitekerezo kigoretse cy'uko imana y'Abanyegiputa itavuga, itava aho iri, iyagijwe mu mabuye y'agaciro, ko ariyo yashoboye kubakura muri Egipta. Hano dushobora kuhabona ko ubumenyi nk'ubwo bwarangiranye n'irimbuka.

MU KUZA KWA MESIYA

Abahaburayo batoranyijwe n'Imana. Ibyiringiro byabo rukumbi byari uko Mesiya yari kuza akababaturu na buretwa bari bakandamijwe-

mo n'ubutegetsi bw'Abaroma. icyakora umugambi nyakuri w'umurimo w'Umukiza wamenyakishijwe binyuze mu mirimo yakorerwaga mu buturo bwera. Buri gitambo cyacureraga Umukiza uzaza. Umwana w'intama wa pasika n'imirimo yakorwaga kuri uwo munsi; byarenzurizaga kuri Kristo. Mu kwitegereza iyo mihango, abifuzaga kumenya Imana by'ukuri basobanukiye ko Yesu yaje gukiza ubwoko Bwe ibyaha byabwo.

Abahanuzi bahishuye byinshi byerekeye ibi mu myaka amagana, kandi abayobozi b'Abayuda ntibari bayobowe ukuvuka kwa Kristo mu buryo bw'igitangaza. Bumvise amakuru y'abashumba ndetse no kuzakudasanzwe kw'abanyabwenge. Bahuriye na Yesu mu isinagogi igihe yari afite imyaka cumi n'ibiri maze batangazwa no kumenya ubuhanuzi. Kwe kandi atarakandagiye mu mashuri y'abatambyi. Babonye umurimo We uriho ikimenyetso cyo gukiza kw'ijuru n'imbaraga ndengakamere. Bamwumvise avuga ko ari NDIHO ukomeye kandi yeyeje urusengero inshuro ebyiri afite ububasha bukomeye. Mu by'ukuri Mesiya yaraje, ariko bananiwe kumwakira kubera ko bemeye ubumenyi bwahimbwe na se w'ibinyoma. Batsimbaraye ku gitekerezo cyavugaga ko Mesiya azaturuka mu muryango wa gikire kandi ko agomba kuba uwo mu rubyaro rwa cyami n'uwize amashuri ahanitse. Mu ntekerezo zabo, Yesu yasaga nk'utujije ibyo byangombwa byose bisabwa. Baramusuzuguye, baramwiringagiza kandi bamugirira urwango. Ibyo byatumye bafata umwanzuro wo kumubamba. "Urusaku rwabo rwa kidayimoni rwagiraga ruti: 'amaraso Ye atubarweho n'abana bacu', rwirangiriyemo mu byago biteye byageze ku murwa wabo n'urusengero rwabo mu myaka mirongo ine yakurikiyeho. Mbega uburyo bose bayoboye kandi bakumva ko ubumenyi bahawe busobanura Mesiya nabi, ari uko bizagenda nta gihindutse!"

MU GIHE CYACU

Gushakisha ubumenyi kirimubuza biracyarushaho gukwirakwira muri iki gihe cyacu. Uwitaka mu mbabazi Ze yohereje ubutumwa bw'abamarayika batatu kugirango barangurure ubutumwa bwiza bw'iteka ryose mbere yuko umunsi ukomeye w'Uwitaka uza. Bumwe mu butumwa bwabo budasanzwe ni ubu: "Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye, muramye Iyaremeye ijuru n'isi n'inanyana n'amasoko." Ibyahishuwe 14:7.

Muri make nyuma y'itangira ry'iyamamazwa ry'ubu butumwa, Satani yohereje intumwa kugirango igerageze gusenya ubumenyi buvuga ko Imana ari Umuremyi w'ijuru n'isi. Mu mwaka wa 1859, umuhanga mu by'ubuhanga buhanitse [siyansi] w'Umwongereza witwa Charles Darwin, yanditse igitabo cyitwa 'Inkomoko y'ibinyabuzima hifashishijwe ugutoranya mu buryo busanzwe, cyangwa kubungabunga amoko meza ashobora guhangana n'ubuzima', icyo gitabo akaba aricyo cyashyizeho umusingi w'inyigisho y'ihindagurika, ishimangira ko ibinyabuzima byose byabayeho kubw'ihindagurika aho kugirango bibe byararemwe. Ikibabaje ni uko ibigo by'amashuri byinshi muri iki gihe, uhereye ku mashuri abanza ukageza kuri kaminuza, bakurikiza iki gitekerezo [mu nyigisho zabo].

Na none Satani yahimbye irindi shuri ry'imitekererewe rihakana ukubaho kw'Imana ryivuye inyuma. Kutemera Imana ni ukutizera imana iyo ariyo yose cyangwa se yemwe no kutemera ko ibyo bita imana bibaho. Ubu bucurabwenge bwatejwe imbere mu kinyejana cya cumi n'umunani mu "ngirwagihe cy'imyaka yo kumurikirwa". Amashyaka ya politike yashikanye kuri iyi nyigisho yashyizwe ku iherezo akurwaho bidashingye ku mategeko mu gihe cy'impinduramatwara mu Bufaransa. Nyamara abantu bari hagati ya miliyoni 450 na 500 muri iki gihe baracyavugaga ko batemera Imana.

Na none Satani ntarakanyurwa, nicyo gituma mu bihimbano bye yazanye 'inyigisho zivuga ko Imana ihwanye n'imbaraga n'amategeko agenga ibiba mu isanzure', kwizera uko kuri, ko isanzure n'ibiririmo byifiteho ubumana ubwabyo, kandi ko iki ari ikiremwa ndengakamere gihambaye, cyangwa se icyo kintu cyihariye kigikomeje kwaguka no kuremwa, uhereye mu itangiriro ry'ibihe cyangwa ubwo ibintu byose bigikubiye uko byakabaye, ari imana iba ihari cyangwa imana y'isanzure yigaragaza ubwayo nk'igenga ibiri mu kirere byose. Iki gitekerezo cyakwirakwiriyemo mu matorero y'Abadiventitisi ba mbere binyuze muri Dr. John Harvey Kellogg, byaje gutuma abizera b'itorero barenga 4000 bava mu kwizera, kandi hari hakubiyemo abagabura n'abigisha benshi.

Irindi shuri ry'intekerezo ryahimbwe na Satani ni ukwigira imana. Iyi nyigisho yigisha ko "uri imana. Ubaye imana. Nta mana umuremyi iriho igomba gupfukamirwa. Mu kintu kirimo kiba cyifitemo

ikindi: isoko yacyo nyakuri. Ushobora gufata uguhindagurika kw'iyi si mu miterere y'ibiyumvo, mu byiciro,... Kubwo gukonjesha imiyoboro igabanya y'ubwonko, ushobora kubona imbere mu ntekerezo ndetse ukabona ari imana."¹¹

Tuvuye ku ruhande rw'ubupagani, Satani yahimbye uburyo bw'inshi bw'iyobokamana ryo kugerageza kuyobya n'intore. Aziko itorero ryasigaye riheruka ariryo torero rukumbi ry'Imana kuri uyu mubumbe w'isi. Ashungura abo bizera kugirango abatandukanye, babe amatsinda atandukanye kugirango atere urujijo ubwoko bw'Imana. icyakora Imana yaduhaye ibiranga itorero Ryayo bitomoye mu gihe gihuruka.

"Buri tsinda mu matsinda anyuranye y'abizera bavugaga ko bategereje kugaruka kwa Yesu rifite ukuri kudashyitse; nyamara Imana yahaye ukuri kose abana Bayo bari kwitegurira umunsi w'Imana. Yabahaye kandi ukuri kutazwi na rimwe muri ayo matsinda kandi nta nubwo azigera agusobanukirwa."¹²

UMWANZURO

Uherye mu gihe cya Adamu kugeza ubu, Satani ahora ashishikariza abantu amoko anyuranye y'ubumenyi; akavuga ko mutazapfa, ahubwo muzahinduka nk'imana, muri imana, kamere ni Imana, kandi ko Satani atabaho. Biratangaje kuba ibyo byitabwaho n'abantu benshi bize amashuri kandi bakabyemera. Mbese mufite inshingano yo kwemera iyo myumvire? Abizera ibinyoma bya Satani bazagerwaho n'ubuyobe bukomeye; kandi niba duhitamo ubumenyi buhimbwe na Satani, nta kabuza tuzasurura ukurimbuka (Reba Malaki 4:1).

"Kuri uwo munsi hazabaho gu-subira inyuma kubabaje igihe abantu bazaba bareba ahazaza h'iteka. Imibereho yose uko yakabaye izigaragaza nkuko yahoze iri. Ibinezera by'isi, ubutunzi, n'ibyubahiro, nti-bizaba bikigaragara nk'aho bifite umumaro. Abantu nibwo bazabona ko gukiranuka bagize urw'amenyo bakaguseka, niko konyine rukumbi kuzaba gufite agaciro. Bazabona ko imico yabo bayihindanyishije ubushukanyi bw'uburiganya bwa Satani. Imyambaro bahisemo ni ikirango cy'ubufatanye bwabo n'umuhakanyi wa mbere ukomeye. Nibwo bazabona ingaruka z'amahitamo yabo. Bazamenya icyo gucumura amategeko y'Imana bisobanuye."¹³

Nyamara ukuri rero, Uwitwaga arashaka ko tumumenya, buri wese

ku giti cye. Umunyezaburi aravugaga ati, 'Nimusogongere mumenye yuko Uwitwaga agira neza' (Zaburi 34:8). Arashaka ko turamya Umuremyi wacu wenyine, we uvuga ati: "Ntukagire izindi mana mu maso yanjye" (Kuva 20:3). Mu kugenza gutyo, du-shobora kugira ubugingo buhoraho. Yesu yarashobanuye ati: "Ubu nibwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwu watumye ariwe Yesu Kristo" (Yohana 17:3). Uko turushaho kumumenya byimbitse, du-shobora kwishimira urukundo adufitiye, maze tukamwegurira umurimo wacu uko wakabaye. Umunsi azaturarikira kwinjira mu marembo ya wa murwa ndetse aduhe imbuto z'igiti cy'ubugingo kandi azaduha ubwenge nyakuri.

"Ubutunzi bwose bwo mu ijuru n'ubwo mu isi, buzagaragazwa bube ibyigisho by'abacunguwe.... Kuri ibyo byose uhereye ku byoroheje ukageza ku bikomeye byanditsweho izina ry'Umuremyi wabyo, kandi muri byo, hagaragaraga ubutunzi n'imbaraga Umuremyi yabigabiye.

"Kandi mu bihe bidashira, uko imyaka ihita indi igataha, niko abacunguwe bazarushaho kubona amahishurwa y'ubwiza bw'Imana na Kristo. Uko ubumenyi buzakomeza kugwira, niko n'urukundo, kubaha Imana, n'umunezero bizakomeza kugwira. Uko abacunguwe bazarushaho kwiga kumenya Imana, niko bazakomeza gutangazwa n'imico Yayo."¹⁴

Uwitwaga abahundagazeho imigisha muri iki cyumweru cy'amasengesho! Amena. *R*

Aho Biboneka:

- ¹*Umwuka w'Ubuhanzuzi*, vol 1, p.40.
- ²*Confrontation*, p.13.
- ³*Umwuka w'Ubuhanzuzi*, vol 1, p.41.
- ⁴*Ubusobanuro bwa Bibiliya*, vol 1, p.1083.
- ⁵*Abakurambere n'Abahanuzi*, p.90,91,6
- ⁶*Ibid*, p.91,92.
- ⁷*Umwuka w'Ubuhanzuzi*, vol 1, p.69.
- ⁸*Abakurambere n'Abahanuzi*, p.118,119.
- ⁹*Ibid*, p.119,120.
- ¹⁰*Conflict and Courage*, p.97.
- ¹¹<https://www.iamhyperian.com/youaregod/>
- ¹²*Inyandiko za Kera*, p.124.
- ¹³*Imigani ya Kristo*, p.318,319.
- ¹⁴*Ubuntu bw'Imana Butangaje*, p.363.



MBESE IMANA IRAKUZI?

Byateguwe na **JOAN SELVI ALWIN**
byari byanditse mu rurimi rw'Igitamili,
rwo mu Buhinde

IMANA IZI BYOSE:

Ibyanditswe byahumetswe bitubwira ko Imana izi buri kintu cyose cyangwa "Izibyose". "Nubwo imitima yacu iducira urubanza, kuko Imana iruta imitima yacu kandi izi byose" (1Yohana 3:20). Ibi bisobanuye ko Imana izi ibintu byose. Ntigomba kwiga icyo aricyo cyose, nta bintu igomba gushishoza. Imana izi buri kintu cyose kizabaho ndetse n'icyabayeho. Kumenya byose Kwayo bisobanuye ifite ubwenge buboneye, ugusobanukirwa kuzira amakemwa, n'ubuhanga butunganye. Imana niyo soko y'ubwenge bwose bw'ibyaremwe, kuko ubwenge bwose ni kamere Yayo.

Twaremwe mu ishusho Yayo, none rero iratuzi rwose. Imana yitegereza buri wese muri twe. "Kuko ireba ku mpera z'isi, Ikareba no munsu y'ijuru hose" (Yobu 28:24).

IMANA IRATUZI MBERE

YUKO TUMENYEKANA: Umwami Dawidi aravugaga ati: "Nkiri urusoro amaso yawe yarandebaga, mu gitabo cyawe handitswemo iminsi yanjye yose, yategetswe itarabaho n'umwe" (Zaburi 139:16).

Imana yabwiye Yeremiya iti: "Nakumenye ntarakurema mu nda ya nyoko kandi nakwejeje utaravuka, ngushyiriraho kuba umuhanuzi uhanurira amahanga" (Yeremiya 1:5).

Na none dusoma 1Ngoma 22:9 ko

ubuzima bw'umwami Salomo bwari buzwi n'Imana mbere yuko avuka.

Uwiteka yise izina Yosiya, imyaka 32 mbere yuko avuka kandi yahanuye iby'imibereho ye ko ari umwe mu bami bake bumviye Imana kandi bakora ibyo gukiranuka mu maso Yayo (1Abami 13:2).

Aburahamu yahawe isezerano n'Imana ko azakomokwaho n'amahanga, nyamara icyo gihe nta bana yagiraga, kandi n'umugore we Sarayi yari ingumba. Bategereje imyaka 25 kuko umwana Isaka yagombaga kuvuka. Sara yatekereje "gufasha" isezerano ry'Imana kugirango risohore, ubwo yashyiriraga Aburahamu umuja we Hagari kugi-

rango amubyarire umwana. Nubwo uwo utari umugambi w'Imana, mu mbabazi Zayo; yahumurishije Hagari ubuhanuzi bwaje gusohora (Itangiriro 16:12).

Igihe Aburahamu yari amaze imyaka 99 y'ubukuru, Imana yamusezeraniye umwana yari ategereje igihe kirekire. "Ahubwo Sara umugore wawe ni we uzabyaraho umuhungu, uzamwite Isaka. Nanjye nzakomeza isezerano ryanjye na we, ngo ribere urubyaro ruzakurikira ho isezerano ridashira" (Itangiriro 17:19).

Kuvuka kwa Yohana Umubatiza nabyo byari byarahanuwe (Luka 1:13).

Ivuka rya Yesu ryari ryaravuzwe igihe marayika w'Uwiteka yabonekeraga Mariya. "Witinya Mariya, kuko uhiriwe ku Mana. Kandi dore uzasama inda, uzabyara umuhungu uzamwite Yesu. Azaba mukuru, azitwa Umwana w'Isumbanyose kandi Umwami Imana izamuha intebe y'ubwami ya sekuruza Dawidi" (Luka 1:30 – 32). Uwiteka wari uzi [iby] byose mbere yuko biba, na none azi buri wese muri twe.

IMANA IZI IBITEKEREZO

BYACU: Imana izi buri kintu cyose twigeze gukora kandi izi buri kintu cyose twigeze gutekereza. Imana izi rwose buri kintu cyose kitwerekeyeho. Umunyezaburi yaravuze ati: "Uzi imyicarire yanjye n'imihagurukire yanjye, umenyera kure ibyo nibwira" (Zaburi 139:2). Dushobora guhisha ibitekerezo byacu abandi, ndetse yemwe tukanabariganya ku byerekeye ibitekerezo kubwo kubabeshya tubigambiriye. Ariko ntacyo dushobora guhisha Imana. Bibiliya iravugaga iti: "Nta cyaremwe kitagaragara imbere yayo, ahubwo byose bitwikuruwe nk'ibyambaye ubusa mu maso y'Izatubaza ibyo twakoze" (Abaheburayo 4:13).

IMANA NI IMANA

YUBWENGE: Isengesho rya Hana, nyina wa Samweli riragira riti: "Ntimukongere kuvuga iby'ubwibone bikabije bityo, Ntimukabe abanyagasuzuguro mu byo muvuga, Kuko Uwiteka ari Imana izi byose, Kandi ari yo imenya urugero rw'ibyo abantu bakora" (1Samweli 2:3).

Umwami Dawidi yaravuze ati:

"Ungose inyuma n'imbere, unshyizeho ukuboko kwawe. Kumenya ibikomeye bityo ni igitangaza kinanira, kuransumba simbasha kuku-geraho" (Zaburi 139:5,6).

IMANA IZI AHAZAZA: Imana izi buri kintu cyose kizabaho. Uwiteka yaravuze ati: "Mpera mu itangiriro nkavuga iherezo, mpera no mu bihe bya kera nkavuga ibitarakorwa nkavuga nti 'Imigambi yanjye izakomera kandi ibyo nzashaka byose nzabikora." Yesaya 46:10.

Imana yahanuriye Aburahamu iby'ahazaza mu Itangiriro 18:18; ibyerekeye Benihadadi Umwami w'i Siriya (2Abami 8:9); Hezekiya (2Abami 20:1); na Salomo (1Abami 5:5). Uwiteka uzi iby'ahazaza h'abo bantu, azi rwose n'ahazaza hacu natwe. None rero, nimutyo tugandukire ubwenge Bwe.

IMANA YUMVA AMASENGETSHO YACU: Mose atakira Uwiteka ati "Mana ndakwingize, mukize" (Kubara 12:13). Uwiteka yumvise isengesho rya Mose maze Miriyamu akira ibibembe.

Igihe umwami Hezekiya yari arwaye yenda gupfa, umuhanuzi Yesaya yamuhamirije ko azapfa, umwami yasenze Uwiteka, niko kumugirira impuhwe amwongerera ukurama k'ubugingo bwe (2Abami 20:3 – 6).

Nk'igisubizo cy'isengesho rya Yosuwu (Yosuwu 10:12 – 14); izuba ryahagaze n'ukwezi kuguma aho kuri. Imana yumvise amasengesho y'abo bantu b'indahemuka, natwe izumva amasengesho yacu.

Mu gihe cy'akaga gateye ubwoba, Imana yumvise amasengesho ya Esiteri maze irokora ubwoko Bwayo.

IMANA IRATUZI MU MAZINA: Mu Byanditswe Byera, Imana yahamagaye abantu mu mazina. Harimo ingero, aho Imana yavuganye na Yakobo, Mose, Yosuwu, Samweli ndetse na Sawuli w'i Taruso mu izina (Yesaya 43:1; Kuva 3:4; 1Samweli 3:10; Ibyakozwe n'Intumwa 9:4).

IMANA YISE ABANTU AMAZINA: Imana yabwiye umukurambere w'ikirangirire, iti: "Kandi ntuzitwa ukundi Aburamu, ahubwo wiswe Aburahamu kuko nkugize sekuruza w'amahanga menshi" (Itangiriro 17:5).

SARA: Aburahamu siwe wenyine mu muryango we wahinduriwe

izina biturutse ku Mana. N'umugore we ni uko, yararihinduriwe. "Imana yongera kubwira Aburahamu iti "Sarayi umugore wawe ntukamwite ukundi Sarayi, ahubwo ujye umwita Sara" (Itangiriro 17:15). Yagombaga kuba nyirakuruza w'amahanga ndetse n'abami bakamukomokaho.

YAKOBO: Yakobo na we yahawe n'Uwiteka izina rishya. Marayika yaravuze ati: "Ntucyitwa Yakobo ukundi, ahubwo uzitwa Isirayeli, kuko wakiranije Imana n'abantu ukanesha" (Itangiriro 32:28).

MAHERISHALALHASHIBAZI: Umuhanuzi Yesaya yari afite umwana wiswe izina n'Imana, iryo zina naryo ubwaryo ryari umugabane w'ubuhanuzi. Igihe umugore wa Yesaya yabyaraga umwana, "Uwiteka aherako arambwira ngo Mwite Maherishalalhashibazi" (Yesaya 8:3).

YEZERELI: Umwana w'imfura w'umuhanuzi Hoseya, yiswe n'Imana izina. "Maze Uwiteka arambwira ati, "Izina rye umwite Yezereli, kuko hasigaye igihe gito ngahora inzu ya Yehu amaraso ya Yezereli, kandi nzamaraho ubwami bw'inzu ya Isirayeli" (Hoseya 1:4).

LORUHAMA: Umukobwa w'umuhanuzi Hoseya, niwe na none wiswe izina n'Uwiteka ryari rifite icyo rishushanya: "Nuko asubizamo inda, abyara umukobwa. Uwiteka arambwira ati "Izina rye umwite Loruhama, uko ntazongera kugirira inzu ya Isirayeli imbabazi, ntabwo nzongera kubababarira ukundi" (Hoseya 1:6).

LOWAMI: Umwana wa kabiri w'umuhungu w'umuhanuzi Hoseya, yiswe n'Imana izina: "Izina rye umwite Lowami, kuko mutari ubwoko bwanjye nanjye sinzaba Imana yanyu" (Hoseya 1:9). Imana ifitiye umugambi buri wese muri twe kubwo kuduha izina.

IMANA IVUGANA NATWE MU BURYO BWINSHI: Imana ifite ububasha bwose. Imana iba hose. Ni umwami w'ikirenga. Bibiliya yuzuyemo ibyo Imana ivuga ku bantu [runaka], imiryango n'amahanga. Kera Imana yavugiraga mu buryo bwishya, kandi ni nako biri muri iki gihe. Imana ivuganira n'abantu bose binyuze mu irema Ryayo. "Kuko ibitaboneka byayo ari byo bubasha bwayo buhoraho n'ubumana

bwayo... kugira ngo batagira icyo kwireguza" (Abaroma 1:20). "Ijuru rivuga icyubahiro cy'Imana, Isanzure ryerekana imirimo y'intoki zayo. Amanywa abwira andi manywa ibyayo, ijoro ribimenyesha irindi joro" (Zaburi 19:1,2). Kera Imana yavuganiraga n'ubwoko Bwayo binyuze mu bamarayika, abahanuzi, inzozu, amayerekwa, ibitangaza, ndetse kandi binyuze mu ndogobe. Indogobe yabumbuye akanwa kayo ivugana n'umuhanuzi Balamu (Kubara 22:28).

IMANA IVUGANA NATWE MU IJAMBO RYAYO: Yesu ni Jambo w'Imana (Yohana 1:1). Ni uburyo bumwe Imana ivugana natwe umuntu ku giti cyane kandi ni uburyo bukomeye ndetse no muri iki gihe. Ntabwo tugomba kugirana isano n'Imana binyuze mu Ijambo Ryayo gusa, ahubwo na none igihe cyose tugomba kuba twiteguye gushubira abandi; dufite ubugwaneza, twubaha (1Petero 3:15). Igihe Satani yageragerezaga Yesu mu butayu, Umwami Yesu yasubirishije ibigeragezo bya Satani ukuri kwanditswe mu Ijambo ry'Imana (Matayo 4:1 – 11). Dukwiriye kwiga ukuri kuboneka mu Ijambo ry'Imana, inkota y'Umwuka, iyo dushobora gutsindisha umwanzi w'imitima yacu. Uko twambara intwari zose z'Imana, niko dushobora guhagarara tudatsinzwe n'uburiganya bwa Satani (Abefeso 6:11). Kubaha Ijambo ry'Imana no kuryumvira niwo muzi wo kumva ijwi ry'Imana (reba Yohana 14:21,23).

IMANA IVUGIRA MU IJWI RYOROHEJE, RYITUZA: Igihe umuhanuzi Eliya yari yacitse intege kandi yihebye, Imana yamuvugishije mu buryo atari yiteze. Rimwe na rimwe Imana izavuga binyuze mu muyaga, igishyitsi cy'isi cyangwa umuriro; ariko akenshi ihora ivugira mu ijwi ryoroheje, ry'ituzza, none rero tugomba kwitonda (reba 1Abami 19:11 – 13).

IMANA IVUGIRA MU MWANA WAYO YESU: Imana yihishuye mu buryo bwuzuye binyuze mu mibereho, imico, amagambo, imyitwarire n'imirimo by'Umwana Wayo. Yesu ahishurira umuntu Imana kubw'imibereho Ye uko yakabaye. Yigishirije abantu mu

migani, inkuru, ibyigisho bituruka ku bigaragarira amaso, ndetse by'umwihariko binyuze mu rugero Rwe bwite rw'uburyo bwo kubaho imibereho yo kubaha Imana (Soma Abaheburayo 1:1,2; Mariko 4:34; Matayo 7:3 – 5; Yohana 13:3 – 7).

IMANA IVUGIRA MU MWUKA WERA: Igihe Yesu yari kuri iyi si, Imana yavuganaga n'abantu binyuze muri We, nuko igihe Yesu yasubiraga kuri Se, Umwuka Wera yoherejwe kutuyobora mu kuri kose kugirango abe Umuhumuriza wacu uvuye ku Mana (Yohana 14:26).

Umwuka Wera w'Imana yasukiye abantu bose bizera kandi bakakira Yesu nk'Umukiza wabo bwite kandi azatuyobora mu kuri kose. Nimutyo twiyegurire ubushake bw'Imana Data, Umwana n'Umwuka Wera.

IMANA IRONDORA BURI MUTIMA: Dawidi yihanangirije umwana we ati: "Nawe Salomo mwana wanjye, umenye Imana ya so, ujye uyikorera n'umutima utunganye kandi ukunze, kuko Uwiteka azenzura imitima yose, akamenya ibyo imitima yibwira byose, numushaka uzamubona, ariko numureka azaguka iteka ryose" (1Ngoma 28:9). Iyi nama yahawe umwami Salomo ihishurira buri muntu wese ko Imana ibyo twibwira. Nimureke twitondere cyane imirimo yacu yose n'ibitekerezo byacu byose.

UMWAMI IMANA AREBA MU MUTIMA: Imana yabwiye umuhanuzi Samweli ubwo yari agiye kwimikisha Dawidi amavuta kugirango abe umwami, imusobanurira ko ibigaragarira amaso atari byo yitaho cyane; ahubwo ko Imana ireba mu mutima gusa (1Samweli 16:7).

AMASO Y'IMANA ABONA IBINTU BYOSE: Ibyanditswe bivugaga mu buryo bw'ibigereranyo uburyo amaso y'Imana areba ibintu byose. "Kandi amaso y'Uwiteka ahuta kureba isi yose impande zose, kugira ngo yerekane ko ari umunyamaboko wo kurengera abafite imitima imutunganiye" (2Ngoma 16:9). "Kuko amaso yanjye ari ku nzira zabo zose ntizihishe nkazireba, n'ibyaha byabo ntibihishwe imbere yanjye" (Yeremiya 16:17). "Iyashyizeho ugutwi ntizumva? Iyaremye ijisho ntizareba?" (Zaburi 94:9).

IMANA IZI ICYO INKOZI

Z'IBIBI ZITEKEREZA: "Kuko izi imirimo yazo, kandi izubika nijoro zikarimbuka" (Yobu 34:25). Umwami Nebukadinezari yirataga ko yubatswe umurwa ukomeye wa Babuloni kubw'imbaraga ze. Igihe yari akivugaga amagambo [yo kubwirata] mu kanwa ke, ijwi ryavuye mu ijuru rimubwira ko agiye kumara imyaka irindwi atari umwami, akabana n'inyamaswa zo mu ishyamba kandi agatungwa n'ibyatsi nk'inka (Soma Daniyeli 4:17 – 37). Hanyuma nibwo yasobanukiwe icyaha cyane maze agarukira Imana.

IMANA IZI IBIBA KU ISI: Uwiteka Imana yabwiriyeye Mose mu gihuru cyaka kidakongoka kandi yamusabye kuyobora ubwoko Bwayo abukuye muri Egiputa maze akabakura mu bubata. "Uwiteka aramubwirira ati, Ni ukuri mbonye kubabara k'ubwoko bwanjye buri muri Egiputa, numvise gutaka batakishwa n'ababakoresha uburetwa, kuko nzi imibabaro yabo" (Kuva 3:7). Imana yitegereza buri kintu cyose kibera ku isi. Nimutyo twe gucogora, ahubwo nimureke ibyiringiro byacu tubishyire mu Mwami Imana.

IMANA IZI IBYABAYEHO KERA: Intumwa yarahamije iti: "Ni ko Uwiteka avugaga, ari we ukora ibyo byose, abimenye uherye kera kose" (Ibyakozwe n'Intumwa 15:18).

IMANA ICA IMANZA ZITUNGANYE: Imana yonyine ifite ubwenge butunganye ifite ubushobozi bwo gucira abantu urubanza (2Petero 3:7). Igihe abantu basobanukiwe ko umunsi umwe bazahagarara imbere y'Imana izi byose, ibi bigomba kubatera gusuzuma uburyo babayeho imibereho yabo. Yesu aravugaga ati: "Amagambo yawe ni yo azagutsindishiriza, kandi n'amagambo yawe ni yo azagutsindisha" (Matayo 12:37).

IMANA IKOMEZA ISEZERANO RYAYO: Imana yahaye ubwoko Bwayo iri sezerano. "Muzanshaka mumbone, nimunshakana umutima wanyu wose" (Yeremiya 29:13). Nitumushakana umutima wacu wose, tuzumva ijwi Rye. Imana izi ikiri mu mutima wa buri muntu rwose. Niba Imana ituzi, ubwo rero izi n'ibigiye kubaho mu mibereho [yacu]. Ntituri twenyine kandi ntabwo twibagiranye. Imana izi intwari duhura

nazo mu buzima. Izi ibitugerageza n'imibereho y'umuryango wacu kandi yadusezeraniye ko itazadusiga, nta nubwo izadutererana (Gutegeka kwa Kabiri 31:6; Yohana 3:16).

IMANA IHORANA N'ABANA BAYO BAKENNYE: Umwami Dariyo yabaye umuyobozi wa Babuloni, nuko agira Daniyeli minisitiri w'intebe. Daniyeli yiz-eraga Imana kandi agakurikiza amategeko y'Uwiteka. Abahatanaga b'abanyeshyari basabye umwami gushyiraho itegeko risaba abantu bose kumurama, kandi ko nihagira umuntu uwo ariwe wese urama indi Mana itari umwami, ajugunywe mu rwobo rw'intare. Kuko Daniyeli yasengaga Imana gatatu ku munsu amadirishya ye akinguye, nta kabuza rwose, yajugunywe mu rwobo rw'intare. Ariko Uwiteka Imana yabaye hamwe na we, nuko abumba iminwa y'intare maze arinda Daniyeli (Daniyeli 6:21,22).

Umwami Nebukadinezari yakoze igishushanyo cy'izahabu mu ntara y'i Babuloni, nuko ararika abatware be bose kuza gutaha imurikwa ry'icyo gishushanyo. Umuntu wese utari gupfukama ngo aramye icyo gishushanyo yari kujugunywa mu itanura ryaka umuriro. Abasore batatu b'Abaheburayo batigeze bapfukama ngo baramye igishushanyo, bajugunywe mu itanura ryaka umuriro. Uwiteka Imana yabanye na bo mu itanura ry'umuriro kandi ntibigeze bashya; umurimo ntiwagizeho ububasha (Daniyeli igice cya 3).

Imana yabanye na Mose mu kuyobora Abisirayeli abakuye mu bubata bwo muri Egiputa. Yakoreye igitangaza abantu abakurira amazi mu rutare ndetse na manu imanuka ivuye mu ijuru. Uwiteka Imana yagabanyije inyanja mo kabiri maze abantu bambuka nk'abagenda ku butaka bwumutse (Kuva 14:16). Iyo niyo Mana yaretse umwanzi azikama imuhengeri h'inyanja maze ihesha ubwoko Bwayo agakiza. Niyo Mana idukorera buri munsu [ikatwitaho].

Uko yari iri ejo hashize, niko iri uyu munsu, niko izahora iteka ryose (Kuva igice cya 14).

Nyuma y'urupfu rwa Mose, Imana yambukije abantu uruzi rwa Yorodani, bahanyura ari ubutaka bwumutse. Abatambyi bari bahetse isanduku y'isezerano ry'Uwiteka barakomeje bahagarara muri Yorodani rwagati, ari ku butaka bwumutse (Yosuwa igice cya 3).

Imana yabanye na Nowa n'umuryango we maze ibakiza umwuzure, kuko bose bumviye Imana, "Uwiteka abwira Nowa ati, injirana mu nkuge n'abo mu nzu yawe mwese, kuko ari wowe nabonye ukiranuka mu maso yanjye muri iki gihe" (Itangiriro 7:1). Umwuzure wamaze iminsi mirongo ine ku isi kandi ibifite umubiri byose byarapfuye ndetse na buri kinyabuzima cyose cyararimbutse, ariko Imana yarinze Nowa n'umuryango we. Uwiteka yabanye na bo.

Aburahamu yahamagariwe n'Imana kuva muri Uri y'Abakaludaya. Yumviye itegeko ry'Imana adashidikanya kandi yiz-eyeye isezerano Ryayo ryavugaga ko urubyaro Rwe rwari kuba ishyanga rishya (soma Itangiriro igice cya 12). Nkuko Imana yasezeraniye Aburahamu amasezerano kandi ikayakomeza, ni nako natwe izadusohoreza amasezerano yadusezeraniye.

Mu Itangiriro 39:1 – 6, Yosefu yagurishijwe na bene se aijanwa mu bubata. Uwiteka yabanye na Yosefu mu gihugu atazi, aho yatoneshejwe na Potifari, waje kumukaza amugira umutware w'urugo rwe rwose. Ntibyatanzwe Imana yatumye Yosefu aba minisitiri w'intebe wa Egiputa, by'umwihariko ahabwa inshingano yo kunoza imyiteguro kubw'inzara yari igiye kuza (Soma Itangiriro 41:37 – 45). Yosefu yari ko Uwiteka ari kumwe na we.

Imana yabanye na Yona igihe yari mu nda y'urufi runini. Uwiteka yamurindiyemo maze yumva isenge-sho rye yari asenganye umubabaro. Nuko ifi iruka Yona, waje kwemera

kujya i Nineve, nuko yemeza umur-wa wose uko wakabaye kwihana. Nubwo ku ikubitiro atumviye, yihannye kuba yari yirengagije inshingano ye. Dukeneye kumvira Imana mu bintu byose idusaba gukora; ntidukwiriye kuzarira kumvira ijwi Ryayo.

UMUHAMAGARO W'IMANA KURI BURI WESE MURI TWE: Uwiteka Imana nta kintu na kimwe idusaba. Iradusaba umutima wacu. "Mwana wanjye, mpa umutima wawe, kandi amaso yawe yishimire inzira zanjye" (Imigani 23:26). Kandi Uwiteka adusaba gukurikiza amategeko Ye n'amagambo yo mu Byanditswe Byera kugirango twumve ijwi ry'Imana. Tugomba kumarana igihe na Yo. Uko turushaho kubana na Yo, niko tuzarushaho kumenya ijwi Ryayo. "Ariko amaso yanyu arahirwa kuko abona, n'amatwi yanyu kuko yumva" (Matayo 13:16). Uko dukura mu kwizera, tuziga kumva ijwi ry'Imana. Yesu yaravuze ati: "Intama zanjye zumva ijwi ryanjye, nanjye ndazizi kandi zirankurikira" (Yohana 10:27). Dukwiriye gusaba Imana kudukwishurira ikintu icyo aricyo cyose kibereye inkomyi isano dufitanye na Yo, bityo noneho tuyumvire. Kuko icyo aricyo tugomba gutekerezaho mu Byanditswe. Tugomba kubana n'Imana binyuze mu gusen-ga no kuramya. Nimutyo tuyigume imbere. Uwiteka aravugaga ati: "Nimworoshye mumenye ko ari jye Mana, Nzashyirwa hejuru mu mahanga, nzashyirwa hejuru mu isi" (Zaburi 46:10). Nimutyo tugumye kubonera, abanyakuri n'abashikamye, twibuke ko imico yacu iri kwandikwa mu bitabo byo mu ijuru. Amena. *R*

“Imana izi buri kintu cyose twigeze gukora kandi izi buri kintu cyose twigeze gutekereza. Imana izi rwose buri kintu cyose kitwerekeyeho.”



Kuwa Kane, 06 Ukuboza 2023

IMPAMVU NYAKURI ITERA AMAKUBA

Byataguwe na **ARCADI MANGUL**
Ni umugabura wo muri Moldova

“Ibyo mbibabwiriye kugira ngo mugire amahoro muri jye. Mu isi mugira umubabaro, ariko nimuhumure nanesheje isi” (Yohana 16:33).

Mbese ushobora gutekereza ubuzima butagira amakuba ayo ariyo yose? Gutekereza ikintu nk’iki ngiki biragoye kuri twe twavukiye mu isi y’icyaha. Ariko nyewe uhereye igihe natangiriye kumenya Imana y’urukundo ruheranije, nashimishijwe no kuvumbura yuko, isi itarangwamo amakuba si umugani w’ibinyoma, ahubwo ni umushinga uri kunonosorwa n’Imana.

UMUZI W’IKIBAZO

Igihe tuvuga ibyerekeranye n’amakuba, tuba dushatse kuvuga ubusharire, agahinda, umubabaro, icyaha, kutanezerwa, uburibwe, ndetse n’ibindi. Igihe cyose ayo makuba aterwa n’ibyaha abantu bakora, byaba ibyo bakora nkana babigambiriye n’ibyo bakora batabigambiriye. Ibikorwa byabo biberekeza ku cyaha, biba imbaraga itegeka imibereho yabo, bikaba aribyo bikururira isi yacu umubabaro mwinshi.

Ibyahumetswe n’Imana byo mu gitabo cyitwa “Ibitekerezo byo ku Musozi w’Umugisha”, bisobanura neza bita:

“Kubwo guhangara gusuzugura ubushake bw’Imana ku kintu kimwe gusa, ababyeyi bacu ba mbere bugururiye umwuzure w’umuvumo amarembo maze winjira mu isi. Kandi umuntu wese ukurikiza icyitegererezo cyabo azasurura ingaruka zisa zityo. Urukundo rw’Imana nirwo shingiro ry’amategeko Yayo yose, kandi umuntu wese ute-shuka inzira y’amategeko, aba yishakira umubabaro no kurimbuka.”¹

None rero, icyaha si imvugo mu by’amategeko isobaye kwica amategeko. Na none ni itangiriro ry’inzira ihambaye itera imibabaro myinshi, atari ku muntu gusa watangiye akora icyo cyaha, ahubwo no ku bifatanyije na we mu gikorwa.

IMANA SIYO YATANGIJE ICYAHA

Abantu benshi batekereza ko Imana yagize uruhare mu iboneka ry’icyaha mu isi. Ibitekerezo by’ibinyoma bikurikirira byatanzwe nk’ingingo zigibwaho impaka kuri iki kibazo:

Icyaha ni ukwica amategeko. Imana niyo Muhanzi w’amategeko. None ubwo rero, iyo amategeko atabaho, n’icyaha ntiyari kubaho.

Imana niyo yaremye Lusiferi, wa wundi wabaye uwa mbere mu gukora icyaha. Iyo Lusiferi ataza kubaho, n’icyaha ntiyari kubaho.

Ibitekerezo nk’ibyo ni ibinyoma. Ibyahumetswe n’Imana hari icyo bihishura mu buryo butomoye:

“Imana ntiyaremye ikibi. Yaremye icyiza gusa, cyasaga na Yo... Ikibi, icyaha, ndetse n’urupfu... ni ingaruka zo kutumvira, kwakomotse muri Satani.”²

Kubisobanukirwa neza, byadushobozwa gusobanukirwa umugambi nyakuri w’amategeko y’Imana ndetse n’agaciro kayo kuri twe kuko twahawe amategeko kugirango dushobora gutahura cyangwa kumenya icyaha no guhangana nacyo. Nkuko byavuzwe haruguru, amategeko y’Imana nkuko avugwa asobanura icyaha, ariko imikorere yacyo ishobora kuba irenze amategeko. Nimutyo mbahe urugero.

Itegeko rya gatandatu riravuga ngo "Ntukice". Itegeko rya karindwi riravugaga ngo: "Ntugasambane." Iyo ayo mategeko yombi ataza kuba mu mategeko; ntibyari kuba bisobanuye ko kwica no gusambana ari byiza, kuko abantu batari kunezerwa iyo bakora ibyo bintu.

Bityo rero dusobanukiwe impamvu Imana, ishaka kuturinda amakuba, idufitiye umugambi wo kubaho dukurikije amategeko Yayo yera. Dushobora kubona impamvu Ibyanditswe Byera biduha uyu muyoboro kugirango umurunga w'icyaha usenywe kandi wirindwe. "Nuko natwe ubwo tugoswe n'igicucu cy'abahamya bangana batyo, twiyambure ibituremerera byose n'icyaha kibasha kutwizingiraho vuba, dusiganirwe aho dutegukwa twihanganye" (Abaheburayo 12:1).

Ariko iherezo ry'ubupfapfa bw'umuntu ni uko turwanya amakuba ku giciro icyo aricyo cyose byadusaba no kwivovotera imibereho ibabaje dufite – mu gihe uwo mwanya tuba dukomeje gukunda icyaha no gutangira inzira nyayo ituma habaho amakuba kuri twebwe ubwacu no ku batuzengurutse.

UKWIKANYIZA

Imana ni urukundo. Ibi bisobanura Umuremyi wacu neza rwose. Imana ntabwo yikanyiza. Umuntu yaremwe mu ishusho y'Imana, asa n'Imana. Ariko impinduka yabayeho ku ikubitiro igihe icyaha cyamwinjiragamo maze urukundo rugasimburwa no kwikanyiza. "Mbere umuntu akiremwa yahawe ubushobozi bw'imico myiza n'intekerezo zihugutse. Yari atunganye mu mparariki ye, kandi yashyiraga hamwe n'Imana. Ibitekerezo bye byari imbonera, kandi imigambi ye yareraga. Ariko kutumvira niko kwatumye imbaraga ze zononekara, maze kwikanyiza gusimbura urukundo [yakundaga Imana]."³

Intandaro y'amakuba menshi ni ukwikanyiza. Bituma umuntu yiyumva ko ariwe buri kimwe cyose kandi ko buri kintu cyose ari icye. Ingaruka yabyo, ni uko iyi nyifato imugira uwo kurya gusa n'ukandamiza. Mu kwiga ibyanditswe muri Bibiliya twitonze, tuvumbura iyi migirire. Bamaze gucumura, Adam una Eva buri wese yareze undi [amuherezaho icyaha] kugirango bagerageze guhunga ugu-cirwaho iteka kwabahamaga. Kayini na we yishe Abeli kubw'iyi mpamvu. Yuda yakoze iby'urugomo mu bigishwa ndetse yanagambaniye Umukiza kubw'imigirire y'ukwikanyiza. Muri iki gihe cyacu, ukwikanyiza kuracyari

ikibazo mu isi ku bwinshi; kandi siho honyine gusa bigarukira. N'itorero ryaguye ikinya kubera kwikanyiza. Umwanya, ibyo twakuriyemo, imyizerere cyangwa imyaka y'ubukure, uko byaba bimeze kose, biganisha cyane ku kwishimira no kwifuza iby'imitima yabaye akahebwe. Ahantu aho ariho hose hari ukwikanyiza, ntiharangwa urukundo, amahoro, kubabarira, ubwenge, kwicisha bugufi n'ubugwaneza; ahubwo ikiharangwa ni ugukunda ibinezeza, kwifuza indamu, umururumba, urwango, kudasobanukirwa ibintu nkuko biri, guhangayika, no kutanyurwa. Imigirire nk'iyi y'ubwikanyize iba iteganyirijwe ukurimbuka.

Ariko mu bihabanye n'ibyo rwose, dushobora gusobanukirwa uburyo Imana ari inyarukundo rwitangira abandi, kandi mbega urugero rw'agahebuzo yaduhaye binyuze mu bumuntu bw'Umwami Yesu Kristo! Igika cyo muni kirabisobanura:

"Kristo ntabwo yinezazaga. Nta cyo yikorera kubwe, umurimo We wakorewe umuntu wacumuye. Ukwikanyiza kwahagararanye ikimwaro imbere Ye. Yafashe kamere yacu kugirango ashobore kubabazwa mu cyimbo cyacu. Kwikanyiza, icyaha cy'ab'isi, cyabaye icyaha kiganje mu itorerero. Mu kwitambaho igitambo kubw'ibyiza by'abantu, Kristo yaranduye umuzi wo kwikanyiza kose. Nta kintu yagundiriye, ndetse yemwe [yanasize] icyubahiro Cy'e n'ubwiza bwo mu ijuru. Ategereje ko abo yaje guha umugisha no gukiza bagira ukwigomwa no kwitanga."⁴

IKIBI UBWACYO CYISHYIRAHU

Ikindi kibazo cy'icyaha cyo kwitabwaho ni uburyo cyo ubwacyo gishobora kwiyongera kandi kigakwirakwira bitadusabye kubigiramo ubushishozi bwinshi. Mu bika twasomye haruguru, twabonye ko Imana ari urukundo, kandi uru rukundo rwasimbujwe ukwikanyiza binyuze mu gukora icyaha. None rero, na none kumenya ko Imana ari ubugingo, dushobora kubona ko ubugingo bwasimbujwe urupfu muri ubu buryo. Ubugingo ni uguhitamo guturutse ku mutimanama, ariko icyaha cya mbere cyakorewe ku isi cyifitemo urupfu muri cyo.

"Kuko bimeze bityo, nk'uko ibyaha byazanywe mu isi n'umuntu umwe, urupfu rukazanwa n'ibyaha, ni ko urupfu rugera ku bantu bose kuko bose bakoze ibyaha" (Abaroma 5:12).

Ibi bigendana n'icyaha icyo aricyo cyose. Ikibi kiriyongera tutabishaka, kandi tutanabyifuza. Uhereye igihe twa-

gerwagaho n'uburwayi bw'icyaha, uwo mwanya twahise tuba abatwaye ibyaha n'abatanga icyaha. Bica intege, bigatera gutentebuka. Ariko Imana ishimwe yuko itadutereranye ngo idusige tudafite ibyiringiro! Mu nama y'Imana y'agakiza, gukanguka tukava mu bitotsi by'urupfu birashoboka.

IBYICIRO BIBIRI

Abantu bose ni abanyabyaha, ariko nta n'umwe ushaka gukomeza gukurikiza imigirire y'icyaha. Hano hari itandukaniro. Mu 2Abatesalonike 2:3 havuga "umunyabugome", herekeza ku muntu uhitamo gukurikirana inzira y'icyaha kandi akabitegeka – rimwe mu mategeko ni irihatira umuntu wese gukora icyo umunyabugome abona ko ari cyiza kugikora. Mbese "umunyabugome" arashaka gutegeka nde? Ni abakanguwe n'Umwuka Wera rwose, abasobanukiwe n'igiciro Umuremyi ukiranyuka yishyuye kubera ingaruka z'icyaha. Ni muri ubwo buryo umurimo "w'umunyabugome" wabaye kandi uzakomeza kuba isoko y'amakuba mu bihe byose. Hano hari icyo Ibyahumetswe n'Imana bitubwirira:

"Itorerero Gatolika ry'i Roma ryahuje imigenzo ya gipagani n'iya gikristo, nk'uko itorerero rya gipagani ryabigenje, ryerekana imico y'Imana uko itari, ryibanda ku bikorwa bikabije ubugome kandi biyobya. Mu gihe Roma yashyirwaga hejuru bikomeye, hari ibikore-sho byakorehwaga mu iyica rubozo kugira ngo abantu bemere inyigisho za Roma ku gahato. Hari harateguwe igiti gisongoye cyo gutwikiraho abatamera amahame yabo. Bateguraga ubwicanyi bw'indengakamere utashobora gusobanura kugeza ubwo buzerekanywa ku muni w'urubanza."⁵

Amateka ari kwisubiramo. "Umubabaro ukomeye" mu bwoko bw'Imana ukwiriyeye gutambuka, kandi uzaba uhwanyeye n'uwu mu miterere kuko uzashyirwa mu bikorwa "n'umunyabugome".

"Abanyacyubahiro bo mu matorero n'abo mu buyobozi bw'igihugu bazishyira hamwe ngo bahongere, bahendahende cyangwa boshya abantu bo mu nzego zose kuruhuka ku muni wa mbere w'icyumweru (Dimanche). Nuko rero, amategeko mvajuru azasimbuzwa amategeko y'agahato. Kwangirika k'ubutegetsi bizasenywa gukunda ubutabera kandi bitume ukuri kwirengagizwa; ndetse no muri Amerika yigenga ubwayo, abategetsi, abanyamategeko, mu rwego rwo kwiyegereza abatwage,

bazubahiriza ibyo rubanda rushaka bahatira abantu kuruhuka ku muni wa mbere w'icyumweru. Umudendezo w'umutimanama wabonetse bigoranye, ntuzongera kubahirizwa ukundi. Mu ntambara igiye kuza vuba aha, tugiye kubona ibyerekanawe mu buhanuzi bw'aya magambo: "Ikinyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu."⁶

Ibika byo hejuru bisubiza ibibazo abantu benshi babaza, "Niba nta kintu nshaka gukora ku birebana n'icyaha, mbese sinzagira amakuba? Rwose, nzabikora." Igihe cyose icyaha kikirihho, amakuba nayo azaba ariho. Niyo mpamvu abantu benshi bacika intege bagatentebuka. Ariko nnyewe nahitamo kuba mu bantu bake bavuzwe haruguru kandi sinahitamo kuba isoko y'amakuba ku bandi bantu ukundi. Haba ku Mana cyangwa ku bantu.

BA GASHOZANTAMBARA MURI SIYONI, NIMWIHANE!

Nimutyo twige imirongo yahu-metswe mu byanditswe mu gitabo cy'Ivugabutumwa:

"Mu matorero yacu harimo abantu bavuga ko bizera ukuri ariko ugasanga nta kindi bari cyo uretse kubera imbogamizi gusa mu murimo w'ivugurura cyangwa ubugorizi. Ni intaza ku nziga z'igare ry'agakiza. Iri tsinda ry'abantu akenshi rihora mu igenzura. Ugushidikanya, ishyari n'urwikekwe nizo mbuto z'ubwikanyize, kandi iyo urebye usanga izo mbuto zisa n'izisobetse muri kamere yabo. Abagize iri tsinda nabita abanyetorerer barwaye indwara idakira yo kwitotomba. Bangiza ibintu byinshi mu itorero ku buryo n'abagabura babiri bitaborohera kubisubiza mu buryo. Ni icyasha ku itorero kandi ni umutwaro uremereye cyane abagabura bakorerwa Kristo. Bibera mu buzima burangwa no gushidikanya, ishyari no kuzimura. Abahagarariye Kristo basabwa gukoresha igihe kinini ndetse bagakora n'umurimo utoroshye kugirango basenye umurimo mubi bene abo bantu bakora, kandi bagarure kumvikana n'ubumwe mu itorero. Gukora ibi bitwara abagaragu b'Imana umwete ndetse n'imbaraga, kandi bigatuma badashobora gukora umurimo Imana ishaka ko bakora wo gukiza abari bari mu irimbukiro. Imana izagororerwa abo ba gashozantambara bo muri Siyoni ikurikije ibyo bakoze."⁷

Hano hasobanurwa icyiciro cy'abantu, abo buri wese muri twe, ndetse nanjye umwanditsi w'iyi nyandiko, dushobora

kubarizwamo. Ni abantu bamenye Imana, bakayegurira imibereho yabo, bakareka imyanya y'ibubahiriro bahabwa n'umubi, maze bakifatanya n'abadashaka gukora icyaha. Ariko ishyari no gukekeranya biracyari mu mibereho yabo. Mu by'ukuri, ibyo bintu byashoboraga kudashyirwa mu cyiciro cy'ibyaha birwanya amategeko y'Imana ku ruhande rwa benshi, nyamara baracyari intwari za Satani zo guca intege no kurimbura itorero ry'Imana kandi bakabera inkomyi umurimo w'Umwuka Wera. Ibihamya bitubwirira amagambo akurikira:

"Ishyari, ifuhe, gukeka ibibi no kuvuga ibibi ni ibya Satani, kandi bizitira inzira Umwuka Wera akoreramo. Nta kindi kintu muri iyi si Imana ikunda nk'itorero Ryayo. Nta kindi kintu Imana irinda nkuko iryitaho ifite ifuhe. Nta kintu kirakaza Imana nk'igikorwa gikomere-etsa abantu bagira uruhare mu murimo Wayo. Izahamagara abantu bose bafasha Satani umurimo wo kunegura no guca intege [abandi] kugirango bisobanure."⁸

Nshobora kuvuga ko ari icyaha. Byashoboka ko kitagengwa n'ubutabera butaziguye bw'amategeko icumi ariko nkuko twabivuze mbere, kabone nubwo haba nta tegeko ryahuranyije ricyerekeyeho, byerekeza ku gucika intege no gukora icyaha rwose. Yaba Imana cyangwa twebe, nta wugira icyo aronkera muri iyo migirire.

Twita Imana Data wa twese. "Mbese abo amazina yabo yanditswe mu bitabo by'itorero, bavuga ko ari abahungu n'abakobwa b'Imana, bazatekereza ku isano bafitanye n'Imana na bagenzi babo? Dukwiriye kwishingikiriza byuzuye ku mbabazi z'Umukiza ubabarira ibyaha. Mbese tuzamerera imitima yacu gukomeza kwintangira no kutarangwa n'impuhwe? Mbese ikanguka iryo ariryo ryose ridutegeka kugira ibyiyumviro bibi cyangwa kudutera kugira inzika y'ibiyumviro bibi cyangwa gushaka kwihorera? Mbese dushobora kubanza gutera ibuye umuvandimwe duciraho iteka, igihe natwe Imana igikomeje kutugirira imbabazi kandi ikatubabarira ibyaha byacu tuyicumuraho? Iyo Imana iducira urubanza, ideni ryacu ryari kuboneka ari rinini, nyamara Data wa twese wo mu ijuru arashaka kutubabarira. Ibyo Imana izagirira abantu, ntibizashingira ku bitekerezo byabo bwite, ntibizashingira ku kwiyiringira kwabo, ahubwo bizashingira ku mwuka bagaragarije bene se bayoba.

"Umwuka w'amahari no guhutiraho ni umwuka wa Satani. Iyo ubwibone

bw'umutima buhawe urwaho, burema ishyari, gukeka ibibi, kandi bukerekereza ku kwihorera. Hari akaga mu gukabya amagambo y'urukozasoni cyangwa gukora ibyaha nkana no gutekereza ko hari umuntu watugize abarenganya bikaba aribyo bitugira ubutita, abatagira icyo bitaho cyangwa abanyagasuzuguro. Nyamara Uwitika niwe ushinzwe abo bantu dushinje; abamarayika b'Imana barabakorera. Usoma imitima ashobora kubabonamo ukubaha Imana nyakuri kuruta ukuri mu muntu ubagirira inzika y'ibiyumviro bibi kubera ikibi abatekereze. 'Mwene so nakora nabi umucyaha, niyihana umubabarire' (Luka 17:3). We n'amakosa ye umugirire nkuko wifuzaga ko Imana ikugirira igihe wayicumuyeho. Urukundo ntirwishi-mira ikibi; ntirugira inzika. Mwitonde kwigaragariza ishyaka kugirango mudashobora kugaragariza imvugo nziza ubugwaneza bwanyu bw'ubwenge. Murwanye amagambo mabi, buri gikorwa cyose cy'urugomo. Mukundane nk'abavandimwe, mugire ingeso nziza, kandi mugire urugwiro. Ukuri ntimukagusebeshe ishyari no gushyamirana, kuko umwuka nk'uwo ari uw'ab'isi. Nimutyo ingeso zitejewe ntizikongere kurangwa muri mwe."⁹

INTOREZO IGEZWE KU BISHYITSI BYIBITI

Mu gutegura ubwami bw'Imana, Yohana Umubatiza, integeza ya Kristo, asobanura ukuri mu buryo bunyuranye: "Ndetse ubu intorezo igezwe ku bishyitsi by'ibiti, nuko igiti cyose kitera imbuto nziza kizacibwa, kijugunywe mu muriro" (Matayo 3:10).

Intumwa Pawulo na none atanga umuburo w'ingirakamaro wibasira cyane umuzi ukomeye: "Mugire umwete wo kubana n'abantu bose amahoro n'uwo kwezwa, kuko utejewe atazareba Umwami Imana. Mwirinde hatagira umuntu ugwa akava mu buntu bw'Imana, kandi hatagira umuzi wo gusharira umera ukabahagarika imitima abenshi bagahumana" (Abaheburayo 12:14,15).

"Itorero ryose uko ryakabaye ryose ntirizigera ryakira imvura y'itumba nibatibambura ishyari ryose, gukeka ibibi kose, no kuvuga ibibi. Abantu bahaye intebe urwango mu mutima kugeza ubwo rukomera [rugashinga ibirindiro] maze rukaba umugabane w'imico yabo, bakwiriye kugira imibereho itandukanye niba bazagira umugabane ku imvura y'itumba. Uwitika adutegeka gukura ubwikanyize mu mitima yacu, nibwo muzi wo kwitandukanya."¹⁰

“

Abantu bahaye intebe urwango mu mutima kugeza ubwo rukomera [rugashinga ibirindiro] maze rukaba umugabane w'imico yabo, bakwiriye kugira imibereho itandukanye niba bazagira umugabane ku imvura y'itumba. Uwiteka adutegeka gukura ubwikanyize mu mitima yacu, nibwo muzi wo kwitandukanya.

”

“Uwiteka adutegeka gukura mu mitima yacu ukwikanyiza, ariwo muzi wo gutandukana. Yifuza kudusukira Umwuka Wera ku kigero gikomeye kandi adutegeka kuboneza inzira kubwo kwi-yanga. Igihe inariye yeguriwe Imana, amaso yacu azafungurirwa kureba amabuye asitaza ayo abatameze nka Kristo bashyize mu nzira y'abandi. Imana idutegeka gukuraho ibyo byose. Iravuga iti: “Mwaturirane ibyaha byanyu kandi musabirane, kugira ngo mukizwe.” Yakobo 5:16. Nibwo dushobora kugira ubwishingizi Dawidi yari afite igihe yari amaze kwatura icyaha cyeye, yarasanze ati: “Unsubizemo kunezewe n'agakiza kawo, Unkomereshe umutima wemera. Ni bwo nzigisha inzira yawe abacumura, abanyabyaha baguhindukirire.” Zaburi 51:12,13.

“Igihe ubuntu bw'Imana buganje mu mutima, umuntu azakizwa n'umwuka wo kwizera, ubutwari n'urukundo rumeze nk'urwa Kristo. Umwuka uhembura imibereho y'iby'umwuka ku bantu bose bawuhumeka.”¹¹

Kristo aravuga ati: “Nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi. Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera, mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi” (Matayo 29:18 – 20).

“Hano hari inshingano yawe. Ni gute uzasobanurira Kristo imigirire yawe, niba mu cyimbo gukorera gukiza bagenzi bawe warumvikanishije mu matwi yabo ibibazo byawe, uburwayi bwawe ndetse no kwivoterera bene so? Uzabonera ihumure ry'ibibazo byawe nubwira abandi Kristo, kandi ukabaganiriza iby'ukuri kw'agaciro kenshi.

Ariko ntukavuge amagambo aturutse ku ishyari, gukuka ibibi no ku rwikekwe. Ntugakwirakwize raporo mbi yerekeye kuri bene so. Kuko ibintu nk'ibyo bituma Uwiteka adashobora kuza mu itorero nkuko abyifuza. Mbese ntabwo uzanganyiriza Umwami inzira? Ntabwo abantu bose bagize umugabane muri uyu murimo mubi, ariko nimutyo abo ngabo ubu binjire mu murimo.”¹²

UMWANZURO

Imana irashaka ko tunezerwa kandi iracyakorera kugarura umunezero muri twe. Mu gihe abantu bashobora kuba intandaro y'imibabaro yacu, umuzi ubitera niwo mbaraga y'icyaha kiri mu mitima y'abantu. Icyakora nta muntu uhatirwa kwemera iyi mbaraga. Ibyanditswe byahumetswe bisobanura ikibazo nyakuri. “Ikigeragezo gikomeye cyane n'icyaha urwitwazo rwo gukora icyaha. Uko waba ushyirwaho igitutu gikomeye gite, icyaha ni igikorwa cyawe bwite. Intandaro y'ingorane ni umutima utarahinduwe mushya.”¹³ Imana yakoze uko ishoboye kose kugirango iyi ngingo yumvikane neza kandi binyuze muri Yesu Imana yatanze agakiza kugirango gakure abantu mu bubata bw'icyaha uko bishoboka kose. Imana irashaka ko tugundira aya mahirwe. Nimutyo duhitemo kujya mu ruhande rw'Imana kubera ko vuba bidatinze nyuma y'umubabaro ukomeye, uwatangije icyaha ndetse n'icyaha ubwacyo bazakurwaho kandi abantu bafashe umwanzuro wo kugumya kuba abanyabyaha bazarimbura n'icyaha. Ntibigitinze ubwo igihe kizaza, amakuba akarangira by'iteka ryose. Twitegereza uwo munsu nkuko byanditswe mu gitabo cy'Intambara Ikomeye:

“Intambara ikomeye irarangiyeye. Icyaha n'abanyabyaha ntibazongera kubaho ukundi. Ijuru ryose n'isi yose

birejewe. Umunezero usaba imitima y'ibyaremwe byose. Imigezi y'ubugingo, umucyo n'umunezero bitamba bituruka ku Murenzi bisendera hose. Guhera ku kanyabuzima gatoya kadashobora kuboneshwa ijisho ukageza ku isi irusha izindi ubunini, ibyaremwe byose, ibihumeka n'ibidahumeka, mu bwiza bwabyo busesuye no mu munezero wabyo uhoraho, bitangaza ko Imana ari urukundo.”¹⁴

Amena! *R*

Aho Biboneka:

- ¹*Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.52.
- ²*Urwibutso n'Integuza*, kuwa 04 Kanama 1910.
- ³*Kugana Yesu*, p.17.
- ⁴*Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.204.
- ⁵*Intambara Ikomeye*, p.569.
- ⁶*Ibid*, p.592.
- ⁷*Ivugabutumwa*, p.370.
- ⁸*Ibihamya by'Itorero*, vol 6, p.42.
- ⁹*Ibimenyetso by'Ibihe*, kuwa 14 Gashyantare 1895.
- ¹⁰*The Home Missionary*, August 01, 1896.
- ¹¹*Ibihamya by'Itorero*, vol 6, p.43.
- ¹²*Letters and Manuscripts*, vol 22, Ms 71, 1907.
- ¹³*Urugo rwa Kidiventisiti*, p.331.
- ¹⁴*Intambara Ikomeye*, p.678.



**Kuwa Gatandatu,
08 Ukuboza 2023**

GUSANGANIRA UMUKIZA

Byateguwe na ABU RUBEN BUDAU
Ni umukuru w'itorero, muri Leta Zunze ubumwe za Amerika

Byari mu mpeshyi y'umwaka wa 2021 ubwo nahuraga n'umuntu wari unezerewe cyane mu bo nabonye mu buzima bwanjye. Nasuye itsinda rishya ryahanzwe muri Mikalene, Texas, umwe mu mijyi yo mu majyepfo ya Amerika, mu minota mike uvuye ku mupaka wa Mexico. Umuvandimwe yari yaratangije umurimo hifashishijwe radiyo, agasangiza abantu ubutumwa bwiza ku muyoboro wa radiyo yaho, kandi abantu benshi barahamagawe basabwa gusurwa cyangwa kwiga Bibiliya. Umwe muri bo yari Guwadalupe witabiriye gahunda z'itorero ryacu buri gihe kandi imibereho ye yarahindutse mu buryo bwuzuye. Yanejewe no kwemera Isabato kandi imibereho ye mishya yerekanaga ugusobanukirwa

Ibyanditswe kwe mu buryo bushya kandi bwimbitse. Yahoranaga kumwenyura mu maso he kandi yabaga anezerewe igihe yavugaga ibyerekeye Yesu wamuhinduye. Sinigeze mwumvana ijamba ry'umubabaro cyangwa irisa naryo, yari umuntu unezerewe ku kigero cyose gishoboka.

Muri iki gihe, mu guhura kwacu kwa buri muni, tubona abantu basa nk'abahora banezerewe mu bihe byose, kandi ntabwo dutekereza ko hari ikintu kidasanzwe kibyerekeyeho. Si ngombwa ko habaho ikintu kidasanzwe kugirango tunezerwe igihe turi mu buzima bwiza cyangwa igihe dukunze imiryango yacu cyangwa igihe tugize kubaho neza.

Niba twarakoze urutonde

rw'abantu barushaga abandi kunezerwa, twashoboye gushyiramo abantu bari bafite icyo aricyo cyose amafaranga ashobora kugura, ku ruhembere rw'imbere ku rutonde. Ndetse n'abantu basa nk'abafite ubuzima bwiza butarangwamo indwara, n'abafite ibibazo by'umutungo cyangwa iby'umuryango, cyangwa se abantu basa nk'abafite imibereho iboneye mu buryo ubwo aribwo bwose.

Icyakora umunezero wa Guwadalupe ntiwakomokaga mu kugira imibereho myiza nk'iyi, ahubwo yabaga anezerewe nubwo yahuye n'ibigeragezo n'ibirushya byinshi cyane. Yishwe na kanseri, kandi mu mwaka wabanjirije [urupfu rwe] ubwo abaganga bamubwirira ko azapfa, yabayeho

igihe cy'inyongera. Ku nda ye yari afite igikoresho cyo kwa muganga kijyamo imyanda iturutse mu igogora, ndetse n'akandi kantu kangana n'urubuto rw'umuzabibu kashyizwe iruhande rw'ijosi rye. Yahumekaga binyuze mu gikoresho cyo kwa muganga bari barashyize mu ijosi rye, ku buryo yatwikirizagaho ikiganza cye kugirango ashobore kuvuga. Yaribanaga mu cyumba cyo muri sitidiyo kandi nta muryango yagiraga wo kumusura. Kubwo kudashobora gukora akazi kwe, yari abeshejweho n'ubugiraneza bw'abantu bamuhaga ibyo kurya ndetse bakanamwishyurira aho kuba.

Mu mirebere ya kimuntu, nta kintu yari afite kuri iyi si cyashoboraga kumuha ihumure n'umutekano, nyamara yabwiraga buri wese ko atababaye, ahubwo yari anezerewe. Ariko ntiyari afite uko yabilwira buri wese kugirango amenye ko yari umuntu unezerewe. Washoboraga kubisoma mu maso he, mu biganiro bye, no mu myitwarire ye.

Abantu benshi bashobora kugira umunezero runaka igihe buri kintu cyose kigenda neza mu buzima bwabo, ariko mwene data Guwadalupe yari afite umunezero n'amahoro byari byararenze ibigerageze bye byo mu isi n'iby'umubiri we. Intumwa Pawulo wigeze kugira imibereho nk'iyoyaravuze ati: "Ni cyo gituma ku bwa Kristo nzishimira intege nke zanjye no guhemurwa, nzishimira n'imibabaro no kurenganywa n'ibyago. Kuko icyo mubaye umunyantege nke ari ho ndushaho kugira imbaraga." 2Abakorinto 12:10.

IBYO BISHOBOKA BITE?

Mbese bishoboka bite kugira amahoro nk'ayo, mu muraba w'imibabaro? Bishoboka bite "kwishima iteka" (1Abatesalonike 5:16), n'igihe ibibiri mu nzira yacu? Mwene data Guwadalupe yari afite ibanga, iryo yabwiraga buri wese anezerewe. Kimwe nk'intumwa Pawulo, yari yarahuye n'Umukiza, kandi icyo nicyo kintu cyatumye ahinduka mu mibereho ye, atari yarigeze aba cyo ukundi.

ICYO DUKENEYE CYANE KURUTA IBINDI BYOSE

Mbere yuko ahura n'Umukiza mu bwiza, intumwa Pawulo yabanje kugira urugendo we ubwe. Ukuri ni uko twese dufite ingendo zacu, kandi dushakisha umunezero n'isohozwa ryabyo ahantu hanyuranye. Bamwe bazahindukirira ab'isi bashakisha ibinezeza by'isi maze bagerageze buri kintu cyose iyi si itanga. Inkuru y'umwana w'ikirara igihe cyose

ihora ibereyeho abasore benshi bananirwa [kwifata kubyo] iyobokamana ribabuza. Naho abandi kimwe nk'intumwa Pawulo bashobora gushakira Imana mu nyigisho zinyuranye no mu myizerere, ariko bashobora kwibona bari kure y'Imana nk'umuntu unywera mu cyumba kigari. icyo aricyo cyose dushobora guhitamo kitari Imana, ku iherezo tuzagira ingaruka. Umuhati wose dushyira mu gushaka ibinezeza by'isi no kunyurwa n'inzira za kamere yacu, nta kindi bizatwerekezaho uretse mu byago bibiri. "Kuko abantu banjye bakoze ibyaha bibiri: baranyimūye kandi ari jye sōko y'amazi y'ubugingo, kandi bikorogoshoreye ibitega mu rutare, ndetse ni ibitega bitobotse bitabasha gukomeza amazi" (Yeremiya 2:13).

Twaremewe kuzuzwa amahoro y'ijuru igihe tubanye amahoro n'Umuremyi. Igihe uyu mushyikirano ubuze, nta kintu icyo aricyo cyose kuri iyi si gishobora kumara inyota y'umutima. Amahoro n'umunezero nyakuri ntibishobora kubonekera mu kintu icyo aricyo cyose iyi si itanga. Ku rundi ruhande, igihe twasanganiraga Umukiza wacu kandi umubano twari dufitanye n'Ishoborabyose ukongera gusubizwaho, nta kintu muri iyi si gishobora kutwambura amahoro yacu mvajuru, arenze ubwenge bwose. "Ni nde wadutandukanya n'urukundo rwa Kristo? Mbese ni amakuba, cyangwa ni ibyago, cyangwa ni ukurenganywa, cyangwa ni inzara, cyangwa ni ukwambara ubusa, cyangwa ni ukuba mu kaga, cyangwa ni inkota?" (Abaroma 8:35). Ibi nibyo bituma ikiremhamuntu gikenera Imana kuruta ibindi byose.

Mbese ni gute dukenera Imana nabi kandi ni tutayifite twaba turi iki? Mbese ni ikihe kintu cyiza kuruta ibindi dushobora gukora twebwe ubwacu tudafite Imana, kandi Imana iri kure yacu bingana iki ku buryo yakunama, ikatugeraho ndetse ikongera kudasubiza mu nzira, kandi "akomeza intambwe zacu" (Zaburi 40:2). Imibereho n'ubunararibonye by'intumwa Pawulo ni urugero rukomeye rwa mbere na nyuma yuko umuntu ahura n'Umukiza.

GUKORERA UMWANZI

Hari ingero nyinshi cyane zo gukoresha nabi icyizere. Ibihugu byinshi byo kuri iyi si bihana byihanukiriye abakora iby'ubugambanyi. icyo Yuda yakozwe mu kugambanira Yesu cyatumye izina rya nyirugukora atyo ryamaganwa ahantu hose mu isi. Iyo dutekereje abantu bari mu murimo wa Satani, dushobora gutekereza ko ari abayobo

ba Satani, abadayimoni, n'abandi bantu babi cyane ku mugaragaro. Ariko igihe cyose dukozwe ibihabanye ibirwanya imico y'Imana, tuba turi gukorera umwanzi kandi tuba tuzimiye cyane nka Yuda wagambanishije [Yesu] kumusoma. Mbere yo guhinduka kwe, intumwa Pawulo yarwanyije Ubwami buhoraho. Nyamara mu buryo busobanutse kurutaho, "mu kurenganya abayoboke ba Yesu, mu by'ukuri yakoraga umurimo wa Satani."¹

Niba tutagendera mu nzira z'Imana, ntabwo turi hagati ngo tube tudafite uruhande tubogamiyemo, kuko ibimeze bityo ntibirangwa mu bwami bw'iby'umwuka. Tuba turi kurwana inkundura mu ruhande rw'umwanzi gica ndetse tukanaba ibikoresho bye. Nyuma yo guhinduka kwe, Pawulo yanditse imigendere yaranze imibereho yacu mu gihe cyatambutse. "Namwe abari baratandukanijwe n'Imana kera, mukaba mwari abanzi bayo mu mitima yanyu no ku bw'imirimo mibi" (Abakolosayi 1:21).

Imibereho yacu natwe irushijeho gutindahara, niba dukora dutyo nka Pawulo mu gihe twibwira ko dukorera Imana, kuko "nta bantu barusha abandi kuba mu bubata butagira ibyiringiro baruta abizera ko babatuwe nyamara bishuka,"² kandi ubuhanya bwa Lawodikiya burushaho kongerwa n'uko bibwirabati: "Ndi umukire, ndatunze kandi ndatunganiwe nta cyo nkennye", utazi yuko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n'impumyi ndetse wambaye ubusa" (Ibyahishuwe 3:17).

Tudafite Imana, imirimo yacu yose ntacyo imaze. Mbere yo guhura na Yesu, imihati yose Pawulo yari afite mu gukorera Imana yari ikizira we ubwe yaje kwicuza mu buzima bwe [bwakurikiyeho]: "Kandi nyuma ya bose nanjye arambonekera ndi nk'umwana w'icyenda, kuko noroheje hanyuma y'izindi ntumwa zose, ndetse ntibinkwiriye ko nitwa intumwa kuko narenganyaga Itorero ry'Imana" (1Abakorinto 15:8,9).

Pawulo yari yarajijwe nyamara nta nabi afite. Ntabwo yakozwe arwanya Imana nkana cyangwa se abizi, ahubwo igihabanye n'ibyoyibwiraga ko ari gukorera Imana umurimo. Ariko ntibyabujije ko yari aho Satani yashakaga ko aba n'icyo yashakaga ko akora. Umuhati we kubwo guhutoraho no kuba umunyedini rishingiye ku mategeko byamuteye guhana abantu yihanukiriye no kubakomeretsa ndetse anakoresha igitunga n'iterabwoba akibwira

ko aribwo buryo bw'ivugabutumwa. Imigirire nk'iyu ituruka mu gasanduku k'ibikoresho bya satani, kandi nta mwanya bifite mu guteza imbere ubwami bw'Imana.

KUREKA "INDAMU" ZACU

Sawuli w'i Taruso yari Umuyuda witanga washakaga gukora icy'ukuri kiboneye. "Dore nakebwe ku munsu wa munani, ndi uwo mu bwoko bw'Abisirayeli, ndi uwo mu muryango wa Benyamini, ndi Umuheburayo w'Abaheburayo, ndi Umufarisayo ku by'amategeko. Ku by'ishyaka narenganyaga Itorero, ku byo gukiranuka kuza-nwa n'amategeko nari inyangamugayo" (Abafilipi 3:5,6). Mu maso ye bwite, yari ari mu idini ry'ukuri, akajya mu rusengeru rw'ukuri, agashyira mu bikorwa imihango y'ukuri, afite n'inyigisho z'ukuri kandi yuzuye ishyaka. Yari afite ipamvu zose z'isi zamutera kwirata iterambere rye, nyamara kwishingikiriza kuri ibyo byose byari "indamu" kuri we (Abafilipi 3:7) ntibiyari bihuje na Kristo. Nubwo izo ndamu zari gutuma Umuyuda uwo ariwe wese yirata, Pawulo yasobanukiwe nyuma ko ikintu cyo rukumbi cyo kwirata ari umusaraba wa Yesu. "Ariko jyweweho sinkirata ikindi, keretse umusaraba w'Umwami wacu Yesu Kristo wateye ko iby'isi bimbera nk'ibibambwe, nanjye nkabera iby'isi nk'ubambwe" (Abagalatiya 6:14).

Nubwo ibintu byose atari ko bitari bibi, mu kubyingira ngo bimuheshe agakiza, ntiyari gushobora kugira Kristo. Imana yemera gusa umurimo no kumvira biturutse ku rukundo; naho ikindi kintu icyo aricyo cyose cyaba kimeze "nk'umuringa uvuga cyangwa icyuma kirenga" (1Abakorinto 13:1). Niba ibyo bintu bidukumira kwakira byuzuye no kwiringira Umukiza, bi-tyo "ibintu byose mbitekereza ko ari igihombo ku bw'ubutunzi butagira akagero, ari bwo kumenya Kristo Yesu, Umwami wanjye" (Abafilipi 3:8).

"Kubona ibintu byose nk'igihombo", ntabwo intumwa Pawulo yabifataga nk'igitambo. Ubwo yasogongeraga maze akamenya ko Umwami Imana ari mwiza, ibyahoze ari indamu ye ntacyo biba bivuze, mu kubigereranya dukoresheje amagambo ya Pawulo; bimuhindukira nk'amase (Abafilipi 3:8). Umuntu wabonye ubu-

tunzi buhishwe mu murima ntabwo yababajwe no "kugurisha ibyo yari afite byose", kugirango agure uwo murima, kuko umunezero yari afite wo kubona ubwo butunzi wari mwinsi cyane (Matayo 13:44).

Mbese ni iki dukwiriye kureka kugirango turonke Kristo? Ni bya bintu gusa bitugira "abakene n'impumyi ndetse no kwambara ubusa" (Ibyahishuwe 3:17), kandi "gukiranuka" kwacu bwite guhwanyije agaciro "n'ubushwambara bufite ibizinga" (Yesaya 64:6).

GUSHAKA GUKORA ICYIZA

Gushaka gukora icyiza ni ingirakamaro. Ariko "gushaka" ntibihagije, kuko dufite itegeko rya kamere muri twe ritugumisha kuba imbata z'icyaha nkuko imbaraga rukuruzi y'isi itumana ituganisha hasi. "Nuko rero mbona yuko amategeko anyifuriza gukora ibyiza, nyamara ibibi bikaba ari byo bintanga imbere" (Abaroma 7:21).

Ndibuka neza ubunararibonye bw'ibyambayeho nkiri umusore muto. Nagiye gusura sogokuru na nyogukuru muri Romaniya y'amajyaruguru y'iburasirazuba, nuko noherezwa mu baturanyi gutira igikoresho cyo mu busitani. Igihe nari ngeze ku irembo ry'umuturanyi, hari mu gitondo, kandi umuturanyi yari yarekuye ibibwana bibiri by'ingurube biva mu biraro bijya mu gikingi kinini cyuzuyemo ubwatsi butoshye. Bigisohoka, ibyo bibwana byatangiyе kwiruka bigana mu cyerekezo kimwe, byarihutaga cyane uko byari bishoboye, kandi ntibyigeze bihagarara kugeza ubwo byashyitse ku kizenga gito kirimo isayo y'ibyondo cyari kiri mu nguni y'igikingi. Byatangiyе kwivuruguta muri ibyo byondo, byigaraguramo binezerewe kugeza ubwo byose byari byuzuye ibyondo umubiri wose! Ibyo byose ntibatwaye igihe kirenze amasegonda 20, kandi birangije; bimaze kumva binyuzwe, nuko bijya kurisha.

Icyaha gishinze imizi muri kamere yacu nkuko biriya bibwana by'ingurube byifuza ibyondo. Bibiliya iturarikira kuzirikana ibi: "Mbese Umunyetyopiya yabasha guhindura ibara ry'umubiri we, cyangwa ingwe ubugondo bwayo? Namwe ni uko ntimwabasha gukora ibyiza, kandi mwaramenyereye gukora ibibi" (Yeremiya 13:23). Icyaha cyinjije cyane mu mpagarike yacu yose uko yakabaye, kuburyo kwigobotora in-

goyi zacyo bisaba ikirenze imbaraga za kimuntu; bisaba imbaraga z'Imana ubwayo. Ibi nibyo Pawulo yabonye mu butumwa bwiza: "Erega ubutumwa bwiza ntibunkoza isoni: kuko ari imbaraga y'Imana ihesha uwizera wese gukizwa, uhereye ku Muyuda ukageza ku Mugiriki" (Abaroma 1:16).

GUTERANA

Icyiza cy'ubutumwa bwiza ni uko Imana izi uko tubayeho, kandi Iracyadushaka. Yohereje Umwana Wayo kuri iyi si kugirango umusinzi n'umuyoboke w'itorero wihangira gukiranuka bashobore gutabarwa bakurwe mu ngoyi z'iminyururu yica, bazanwe mu bwami bw'ubuntu, aho Imana "ikorera byose muri bose" (1Abakorinto 12:6). Hatitawe ku rwango tugirira Imana, "Tukiri abanyantegenke, mu gihe gikwiriye Kristo yapfiriye abanyabyaha" (Abaroma 5:6). Yesu ntiyadupfiriye igihe twatangiraga kuba beza, cyangwa igihe yabonaga ko turi gushyira umuhati mu kumwumvira, ahubwo "Ubwo twunzwe n'Imana ku bw'urupfu rw'Umwana wayo wadupfiriye tukiri abanzi bayo, none ubwo tumaze kungwa na yo, ntituzarushaho gukizwa ku bw'ubugingo bwe?" (Abaroma 5:10).

Gusanganira Yesu birenze cyane ibyabaye mu buryo bw'impanuka. Ni ukugira ubushake bwo kuba mu ruhande rw'Imana. Imana iradushaka, kandi irakomanga ku rugi rw'umutima wacu, iri kugerageza gushyikira interekerero zacu. Rimwe na rimwe ivuganira natwe muri Bibiliya, cyangwa mu ncuti, cyangwa mu nyandiko ngufi. Mu bindi bihe, ishobora kuvuganira natwe mu bitubaho, byaba ari ibyiza cyangwa ari ibibi. Yavuganiye na Sawuli w'i Taruso mu ijwi ryumvikana ari mu nzira igana i Damasiko, nuko Uwitwaga avuganira na we mu buhumyi bwe kandi icyo yize ni iki ngiki:

IBINTU BYOSE BIFATANYIRIZA HAMWE

"Kandi tuzi yuko ku bakunda Imana byose bifataniriza hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk'uko yabigambiriye" (Abaroma 8:28). Biroroshye gusobanukirwa no kwemera ko ibyiza bifatanyiriza hamwe kuduhe- sha ibyiza. Nyamara nta kintu kidasanzwe muri ibyo, mu gihe Imana yacu ari Imana idasanzwe, niyo ishobora gukora ibintu bidasanzwe. Hano intumwa Pawulo yanditse ko Imana idakora

Imana ntabwo ikora ibyiza kugirango bifatanyirize hamwe kuduhe- sha ibyiza, ahubwo ni ibintu byose, ni ukuvuga ko hakubiyemo "n'ibibi".... Mu gihe [Pawulo] yari impumyi yagize iyerekwa ryiza cyane mu yo yagize mu buzima bwe.

ibyiza kugirango bifatanyirize hamwe kuduhesha ibyiza, ahubwo ni ibintu byose, ni ukuvuga ko hakubiyemo “n’ibibi”. Igihe yahuraga n’Umukiza bwa mbere, yabaye impumyi. Byari urugamba ku uwari warigeze gushobora kureba, none akaba ari mu mwijima w’icuraburindi. Nyamara mu gihe yari impumyi yagize iyerekwa ryiza cyane mu yo yagize mu buzima bwe. Yabonye ko atihagije, yabonye ko “yapfuye azize ibicumuro n’ibyaha” (Abefeso 2:1). Uretse “ukumvira” kwe kw’inyuma, yabonye ko yari akeneye cyane Umukiza. Mwrite cyane ku guhinduka kw’iyi mibereho yahawe. Ntiyongeye kugira ishyaka ukundi ryo gutoteza ab’itorero, ahubwo yabaye umwigishwa ucishije make, ushaka kwiga no kumenya Imana mu bwiza Bwayo nyakuri.

Rimwe na rimwe abakristo bazagira imibereho irangwa n’ibyo babona ko ari “bibi”. Ariko mu buzima bworoheje burangwa no kurwaragurika, Imana ishobora gutuma ibintu byose bikoreramwe kuduhesha ibyiza by’iteka ryose. icyo tuba dusigaye ni ugushimira Imana ibintu BYOSE yemera ko biba ku buzima bwacu, kandi tukiringira ko Imana ariyo igenga buri kintu cyose. “Mu bibaho byose muhore mushima, kuko ari byo Imana ibashakaho muri Kristo Yesu” (1Abatesalonike 5:18).

Gusanganira Umukiza ni uruhererekane rwo kwezwa, bigakorwa n’Imana iyo twuguriye imitima imirasire y’ubushyuye bw’urukundo Rwayo. “Imana y’amahoro ibeze rwose” (1Abatesalonike 5:23). Ni ukwegurira buri muni impagarike yacu uko yakabaye ubutware bw’ikirenga bw’urukundo. Ni ugutahura buri muni mu buryo buruseho ubunini bw’urukundo rw’Imana, arirwo mico Yayo (1Yohana 4:7). Ni ukwiga kuyiringira binyuze mu miruhu n’ibirushya byacu bya buri muni, tukamenya ko iyo tuba twarayiragije mu maboko Yayo, niyo iba yaratuyoboye mu bitubaho byose mu buzima bwacu. Gusanganira Umukiza ni ukumumenya biruseho ku kigera aho dushobora guhabwa amahoro n’umunezero no mu birushya. “Nuko nzanezerwa cyane kwirata intege nke zanjye, ngo imbaraga za Kristo zinzeho. Ni cyo gituma ku bwa Kristo nzishimira intege nke zanjye no guhemurwa, nzishimira n’imibabaro no kurenganywa n’ibyago. Kuko iyo mbaye umunyantege nke ari ho ndushaho kugira imbaraga” (2Abakorinto 12:9,10).

“Hari umuti wizewe ku batentebutse mu mitima. Uwo muti ni ukwizera, gusenga no gukora. Ukwizera no gukora bizatera umuntu kugira ibyiringiro no kunyurwa bizajya byiyongera uko bukeye n’uko bwije. Mbese waba ugeragereshwa no gutwarwa no gutekereza akaga gakomeye kakugarije cyangwa gucika intege? Mu minsi y’umwijima w’icuraburindi, igihe ibigaragara byerekana akaga kakuri imbere, witinya. Izere Imana. Imana izi ibyo ukeneye kandi ifite ububasha bwose.

Urukundo Rwayo n’imbabazi zayo bitagerwa ntibiyigera bicogora. Ntuzigere utinya ko Imana izananiirwa gusohozza isezerano Ryayo. Ni inyakuri kw’iteka ryose. Ntabwo izigera ihindura isezerano yagiranye n’abayikunda kandi abagaragu Bayo bayikiranukira izabaha urugero ruhagije ruhuje n’ibyo bakeneye.”³

“Mu minsi y’umwijima w’icuraburindi, igihe ibigaragara byerekana akaga kakuri imbere, witinya. Izere Imana. Iri gukorera mu bushake Bwayo, igakorera ubwoko Bwayo ibintu byose neza. Imbaraga z’abakunda Imana kandi bakayikorera zizavugururwa uko bwije n’uko bukeye. Ubwenge bwayo buzashyirwa mu murimo wabo, kugirango badashobora kwibeshya mu gusohozza imigambi Yayo.

“Nta gucika intege mu murimo w’Imana gukwiriye kubaho. Ukwizera kwacu gukwiriye kwihanganira igitutu dushyirwaho. Imana ishobora kandi irashaka guha abagaragu Bayo imbaraga zose bakeneye. Abayiringira izabasohoreza ibirenze ibyo biteze.”⁴

Ibyo tunyuramo byose dufite ubwishingizi bwayo: “Sinzagusiga na hato, kandi ntabwo nzaguhana na hato” (Abaheburayo 13:5), kandi “kugira ngo kwizera [kwacu] kugaragare ko kurusha izahabu igicro cyinshi kandi izahabu nubwo ishira igeragereshwa umuriro, amaherezo kuzabashesha ishimwe n’ubwiza

n’icyubahiro ubwo Yesu Kristo azahishurwa” (1Petero 1:7).

Ni amahirwe yacu muri iki gihe gusanganira Umukiza wacu. Ashyikira buri wese muri twe, ntiyita ku kuba turi kure Ye mu bwigomeke bwacu. Uyu muni aturamburiye ikiganza Cyeyishyuye mu buryo bwuzuye inshungu yo gukiranirwa kwacu. Nitubyemera, azarandura buri muzi w’icyaha muri twe, maze umutima w’ibuye awusimbuze umutima wuzuye urukundo Rwe. Imibereho yacu ntizigera ihwana n’iya kera, kandi buri muni w’imibereho

yacu yakijijwe, tuzajya twishimira umurimo w’Umwami.

“Ukeneye amahoro, imbabazi z’ijuru, amahoro n’urukundo mu mutima. Ibyo ntibigurwa amafaranga, ntibiboneshwa no kugira ubwenge; ntabwo wakwitegaho kubyishyikiriza wowe ubwawe mu muhati wawe bwite. Ahubwo Imana ibiguha nk’impano, “ari nta feza, ari nta biguzi.” Yesaya 55:1. Byaba ibyawwe, urambuye ukuboko ukabyakira. Uwitwika aravuga ati: “Naho ibyaha byanyu byatukura nk’umuhemba birahinduka umweru bise na shelegi, naho byatukura tukutuku birahinduka nk’ubwoya bw’intama bwera.” Yesaya 1:18. “Nzabaha n’umutima mushya, mbashyiremo umwuka mushya, nzabakuramo umutima ukomeye nk’ibuye, mbashyiremo umutima woroshye.” Ezekiyeli 36:26.”⁵ R

Aho biboneka:

¹Johann Wolf gang von Goethe:<https://www.goodreads.com/quotes/528301>.

²Ibyakozwe n’Intumwa, p.115.

³Abahanuzi n’Abami, p.164,165.

⁴Ibihamya by’itorero, vol 8, p.10,11.

⁵Kugana Yesu, p.49.



KUMENYERA IMANA HANONDETSE NONAHA

Byateguwe na **ELI TONORIO**
Perezida w'Inteko Nkuru Rusange

MBESE DUSHOBORA KUMENYA IMANA?

Gushaka ubwenge bwimbite n'ibifitanye isano n'imbaraga z'ikirenga ni umugabane wa kamere y'umuntu. Ku bakristo, ibi bisobanuye gushaka Imana. Iki cyifuzo si gishya, hari ikintu runaka cyabikiwe ikiremwamuntu cya none. Ni icyifuzo cyashyizwe muri twe uherye mu irema. Ndetse ubwo Kristo yari ku isi agendagenda, abari bamuri iruhande bifuzaga kwegera Imana.

Mu cyifuzo cye cyo kurushaho kumenya Imana mu buryo bwimbitse, Filipo yabwiye Yesu ati: "Data buja, twereke Data wa twese biraba bihagiye" (Yohana 14:8).

Ariko se ni gute tujya mu byo kumenya Imana, none se birashoboka ko twamenyera Imana hano kandi nonaha, uko turi? Mbese ntitwategereza guhindurwa tukamburwa imibiri ipfa tukambikwa ukudapfa?

Umwe mu nshuti za Yobu witwaga Zofari yarabajije ati: "Mbese wabasha kugenzura Imana ukayimenya? Waba-

sha kumenya Ishoborabyose ukaranzigiza?" (Yobu 11:7).

Ibyanditswe byahumetswe birasubiza bita: "Ntidushobora kugenzura Imana ngo tuyimenye byuzuye, ahubwo yatwihishuriye mu Mwana Wayo, we kurabagirana k'ubwiza bwa Data wa twese kandi akaba ari We shusho Yayo. Niba twifuzaga kumenya Imana dukwiriye gusa na Kristo... Kubaho imibereho itunganye binyuze mu kwizera Kristo nk'Umukiza wawe bwite bizahesha umwizera kumenya Imana byuzuye, mu buryo buhanitse."¹

Nuko Yesu asubiza Filipo ati: "Nabanye namwe iminsi ingana ityo, kandi ntiwari

wamenya, Filipo? Umbonye ababonye Data. Ni iki gitumye uvuga uti 'Twereke Data wa twese'?" (Yohana 14:9).

Twashoboraga gushaka Imana mu mibereho yacu yose maze ntituyibone, ariko yaratwigaragariye. Imana irashaka ko tuyibona. Uko niko yaduhaye uburyo bwinshi bwo kugirango tuyishyikire.

UBURYO BWO KUMENYA IMANA

Ibinyujije mu muhanuzi Yeremiya, Imana iduha ibyangombwa bisabwa mbere yuko tuyimenyera hano kandi nonaha: "Muzanshaka mumbone, nimunshakana umutima wanyu wose" (Yeremiya 29:13).

Gushaka Imana kwacu ntibigomba kugarukira mu magambo. Dukwiriye kuyishaka buri muni dukora. Mu mbabazi Zayo, Imana yatanze uburyo dushobora kuyegera maze tukayimenya byimbitse:

1. BIBILIYA

Niba umuntu utigeze wumva mbere atambukije ikiganiro maze ukumva utangiye kugira amatsiko, hari ubwo ushobora kuzafata igihe ugashaka uwo muntu kugirango urusheho kubimenya. Kubwo kutanyurwa n'ibyo wumvise gusa by'incamake, ahari wazashakisha no kuri murandasi icyo abandi babivuzeho cyangwa icyo bo ubwabo bivugiyeho. Uzabaza abakuri iruhande, icyo bo bumvise ndetse n'icyo batekereza.

Imana yateguye ububiko

bw'amakuru ku bantu bashaka kuyimenya biruseho. Ntidukwiriye kunyurwa n'ubumenyi bw'amajyejuru gusa. Kristo yatubwiye "kuron-dora mu Byanditswe" (Yohana 5:39). Arashaka ko tumumenya umuntu ku giti cye, kubw'ibyo rero, yatanze Bibiliya nk'ihishurwa rimuhishura We ubwe:

"Bibiliya y'umugisha itumenyesha inama ikomeye yagakiza, kandi ikatwerekana uburyo buri muntu ashobora kugira ubugingo buhoraho. Mbese ni nde wanditse Bibiliya? Ni Yesu Kristo. Ni Umuhama w'ukuri, kandi aravugaga yerekeza ku ntama Ze ati: "Nziha ubugingo buhoraho, kandi ntiziz-arimbuka na hato iteka ryose, kandi nta wuzazivuvunura mu kuboko kwanjye" Yohana 10:28. Bibiliya itugaragariza inzira igana kuri Kristo, kandi muri Kristo niho ubugingo buhoraho buhishurirwa."²

Inyifato yacu n'intego tuba dufite igihe tubumbuye Bibiliya nibyo bigena icyo tuzakura mu mapaji yayo. Ijambo ry'Imana rizatwerekeza ku kumenya Imana biruseho nituryiga dufite umutima wuguruwe. Dushobora kumenya Imana biruseho iyo twemereye Umwuka Wera kuducengezamo ukuri gutunganye kw'Ibyanditswe Byera.

"Abayuda bari bafite Ibyanditswe bihamya Kristo, ariko ntibashoboye kumenyera Kristo mu Byanditswe. Ukuri kw'isezerano rya Kera bari baraguhije n'ibitekerezo by'abantu ku buryo inyigisho zako zari zaragizwe ubwiru; maze ibyo Imana ishaka mu muntu birapfukiranwa. Ikibwirizwa Kristo yigishirije ku musozi cyahinyuye inyigisho z'Abanditsi n'Abafarisayo bishakiraga gukiranuka kwabo bwite. Bagaragazaga Imana uko itari ko ari umucamanza uhoza ijisho ku bantu w'intavumera, utagira impuhwe n'imbabazi, kandi utarangwa n'urukundo. Bahoraga bigisha abantu ibihimbano byabo n'imigenzo idashira, nk'ibyavuye ku Mana, icyo gihe ntibagiraga "Niko Uwituka avuga" mu buyobozi bwabo. Nubwo bavugaga ko bazi kandi bakaba baramya Imana ihoraho y'ukuri, bayigishaga uko itari kandi bagaragaje nabi imico y'Imana yahishuriwe mu Mwana Wayo. Kristo yakoresheje umuhati wose kugirango akureho ukugoreka kose kwa satani, kugirango abantu bashobore gusubiza ibyiringiro byabo mu rukundo rw'Imana. Yigishije umuntu izina rishya azajya yita Umutegets

w'ikirenga: "Data wa twese". Iri zina rigaragaza isano nyakuri dufitanye n'Imana kandi iyo risohotse mu kanwa k'umuntu rikavugwa nta buryarya, riba indirimbo y'agahozo mu matwi y'Imana. Kristo atwerekeza ku ntebe ya cyami y'Imana mu buryo bushya kandi buzima."³

Mbese urashaka gusoma Bibiliya yawe no kuyiga ufite umutima wugururirwe kwiga no guhinduka? Ubwo nibwo uzamenya Imana kandi umenyere ububasha Bwayo mu mibereho yawe uko bitigeze kumera mbere. Uzabona impinduka muri wowe kimwe nkuko abakuzengurutse na bo bazazikubonamo.

2. GUSENGA

Niba hari abantu wabonye ku mbuga nkoranyambaga ndetse bakaba ari ibirangirire by'ibimenyabose, wenda ushobora kubagera binyuze kuri Imeli cyangwa Telefone. Hashobora kuba hariho nimeru z'aho bakore-ra, ariko ntuzashobora kubageraho imbonankubone.

Nyamara dushobora kugera ku Mana kubwo kunamisha imitwe yacu maze tukegeranya amaboko yacu. Isengesho ni umuyoboro utaziguye utugeza ku Mana. Rituma isano dufitanye n'Imana yimbika, noneho tugasobanukirwa biruseho Data wa twese wo mu ijuru. Isengesho ridufasha kuba imbere y'Imana mu mibereho yacu kandi rigakomeza umushyikirano dufitanye na Yo.

Binyuze mu isengesho dushobora gushima Imana, tugashaka ubuyobozi Bwayo, tukihana ibyaha kandi tukabisabira imbabazi. Isengesho na none riduha amahirwe yo gutekereza neza dutuje, rikadushoboza kumva ijwi ry'Umwuka Wera, rikaduha gusobanukirwa byimbitse ku bukene bwacu ndetse n'uburyo Imana ishaka kudukira maze ikaduha imbaraga zo kunesha.

"Bibiliya itugaragariza Imana ku ntebe yayo y'icyubahiro iri ahera cyane, ntabwo ari Imana idafite icyo ikora, yigunze kandi iri mu ituze ryinshi, ahubwo ni Imana

izengurutse n'abamarayika bera inzovu incuru inzovu n'uduhumbi n'agahumbagiza, bese biteguye gukora ibyo ishaka. Imana ikoresheje uburyo tudashobora gusobanukirwa, ifite itumanaho rihoraho mu bice byose by'ubutware Bwayo. Nyamara kuri iyi si ingana urwara mu byaremwe byose, abayituye ni

bo yahaye Umwana Wayo w'ikinege ngo abakize, kandi ni ho umutima wayo n'uwabatuye ijuru bese urangamiye. Imana ica bugufi iri ku ntebe yayo kugira ngo yumve gutaka kw'abakandamizwa. Isubiza amasengesho yose avuye ku mutima igira iti, "Ndi hano". Izahura abarengana hamwe n'abari mu kaga. Mu kababaro kacu kose na yo irababara. Kandi mu bigeragezo byose no mu biturushya, marayika uhora iruhande Rwayo aba yiteguye kudukiza.

"Ntibishoboka ko inyoni y'igishwi igwa hasi Data wa twese atabizi. Urwango Satani afitiye Imana rumutera kwanga abo Umukiza yitaho bese. Satani yifuza cyane

konona ibyiza by'Imana, ndetse ashimishwa no gutsemba n'ibiremwa bidafite ubwenge. Nyamara binyuze mu kurinda kw'Imana, inyoni zishobora kubaho kugira ngo tumezewe no kuririmba kwazo. Nyamara ntiyirengagiza n'ibishwi.

"Ntimutinye rero, kuko muruta ibishwi byinshi."⁴

"Gusenga buri muni ni ingenzi nkuko dukenera ibyo kurya kugirango tumererwe neza mu mubiri. Dukwiriye kwimenyereza guhora twerekeza ibitekerezo byacu ku Mana mu isengesho. Niba intekerezo zikomwa hirya no hino, tugomba kuzigarura. Kubw'umuhati udacogora, amaherezo akamenyero kazatuma kugarura intekerezo byoroha. Ntabwo dushobora gutandukana na Kristo n'akanya na gato ngo tube amahoro. Kristo ashobora kuba iruhande rwacu akadufasha mu ntambwe yose dutera, ariko ibyo bishoboka gusa kubwo kubahiriza ibyangombwa Kristo ubwe yashyizeho."⁵

"Musabe muzahabwa, mushake muzabona, mukomange ku rugi muzakingurirwa" (Matayo 7:7).

"Mbese abamarayika bo mu ijuru batekereza bate abantu batagira shinge na rugero b'abakene n'abatindi, bakunda gushukwa, iyo basenze gake kandi bakagira kwizera guke cyane; nyamara Imana yo iba yiteguye kubaha ikiruta icyo babasha gusaba ndetse no gutekereza? Abamarayika bo bakunda kuramya Imana, bakunda kuyiba bugufi. Ni cyo gituma gusabana n'Imana bibabera umunezero uruta ibindi byose. Nyamara abatuye mu isi bo, ari bo cyane cyane bakwiriye imfashanyo ishobora gutangwa n'Imana yonyine, basa nk'aho banyuzwe no kugenda badafite umucyo w'Umwuka Wayo

"Nubwo dushobora kuba dukikijwe n'umwuka wanduye kandi wangiritse, ntidukeneye guhumeka uburozi bwawo, ahubwo dushobora kuba mu mwuka utunganye w'ijuru."



n'ihirwe ryo kuba imbere Yayo."⁶

"Urugi rw'imitima yacu rukwiriye guhora rukinguye, tukararikira Yesu kutwinjiramo no kutubera umushyitsi uturutse mu ijuru.

"Nubwo twaba tuzengurutse n'abasayisha bafite umwuka mubi wo gukora ibiteye isoni, nta cyatuma dufatanyaga na bo tutabishatse, ahubwo dushobora kubaho mu mwuka utunganye w'ijuru. Dushobora gukinga buri rugu rwo kwibwira ibidatunganye n'intekerezo zanduye kubwo kuzamura umutima tukawugeza imbere y'Imana binyuze mu gusenga by'ukuri. Abafite imitima yugururirwe kwakira ubufasha n'imigisha by'Imana bazagenda mu mwuka utunganye kuruta uw'ab'isi kandi bazahora basabana n'ijuru ubutaduhoka."⁷

"Dushobora kuganira na Yesu. Dushobora kuganira na Yesu nkuko Henoki yaganiraga n'Imana. Yashoboraga kubwira Uwituka ibimugera byose. Ubwo nibwo buryo Henoki yagendanye n'Imana, kandi igihe umucyo wamurikiraga inzira ye, ntiyategerezagaga kuvuga ati: "Kubera iki, mbese inshuti zanyije n'abo dufitanye isano bazambwira niba nagenza gutya?" Oya, yakoraga igikwiriye akirengeraga ingaruka iyo ariyo yose.

"Icyo gihe Henoki yashakaga kugirana umushyikirano n'Imana, kandi abantu batagirana umushyikirano n'Imana bawugirana n'abatandukanya na buri kintu

cyose cyiza. Twese hari imico tugomba kugira ikaturanga. Henoki yagize imico ikiranuka, kandi umusaruro byatanze ni uko yimuriwe mu ijuru adasogongeye ku rupfu. Igihe Uwituka azaba agarutse hari bamwe bazimurwa badasogongeye ku rupfu, natwe turashaka kumenya niba tuzaba muri uwo mubare. Turashaka kumenya niba turi mu ruhande rw'Uwituka by'ukuri; abasangiye na we kamere y'Ubumana, tukarokoka ukwangirika kwazanywe mu isi n'ibyifuzo bya kamere; atari ukugerageza gukandagiza ibirenge byacu mu nzira itunganye aho tutazahura n'ibigeragezo n'ibirushya, ahubwo tukishyira mu kugirana n'Imana isano iboneye, ndetse tukayireka akaba ariyo yita ku ngaruka."⁸

Mbese uhereye none uzajya usenga kenshi kuruta uko byari bisanzwe?

3. IMIBANIRE

Birashoboka ko mu gucukumbura kwawe kugirango umenye biruseho ibyerekeye abantu b'ibyamamare, waba warabonye abo mwigeze guhura imbonankubone. Uteze amtwi imibereho yabo maze uyifatanya n'imibereho abandi runaka bigeze kugira, ntibitinda ko uhira ubona ishusho y'imico iranga uwo muntu.

Gusengera Imana mu mataraniro bikuzatubana umubano dufitanye na Yo. Binyuze mu kuganira ibyaranze imibereho yacu, tuvumbura imiterere y'ubuntu bw'Imana n'imico dushobora guhuza n'imibereho yacu bwite

kugirango turushaho kugira ishusho ishusho y'uko Imana imeze.

Kuba mu bagize umuryango w'Imana biduha amahirwe yo gukuza ingeso z'imico y'Imana mu mibereho yacu bwite, bikaduha gusobanukirwa byimbitse urukundo Rwayo n'ubuntu itugirira.

Ibyanditswe byera bisobanura ko buri wese muri twe agomba gukoresha impano iyo ariyo yose twahawe kugirango tuyikoreshereze abandi, nk'ibisonga bikiranuka by'ubuntu bw'Imana mu miterere yabwo inyuranye. Tugomba kwihanganirana kandi tukababarirana niba duhemukiranye, nkuko natwe Uwituka yatubabariye. (1Petero 4:10; Abakolosi 3:13).

"Imashini ishobora kuba imeze neza mu bice byayo byose, nyamara mu migendere yayo hakabaho kudakora neza; ariko iyo ushyizemo amavuta ibice byayo bikora umurimo wabyo bituje kandi neza. Niko bimeze kuri twe. Ni ngombwa ko tugira amavuta y'ubuntu mu mitima yacu, kugirango biturinde guhangana gushobora kuvuka hagati yacu n'abo dukorera. Rero ntudukwiriye kugira gusa amagambo y'ukuri, ahubwo dukwiriye no kugira amavuta y'ubuntu, bityo tugashobora gutwara ubutumwa dufite imbaraga. Urwikekwe ruzavaho kandi hazasohozwa umurimo ukomeye....

"Abantu bashyizwe mu murimo ukomeye wo kuburira isi, ntibagomba kugira ubunararibonye bw'iby'Imana bo ubwabo gusa, ahubwo bagomba no kwimenyereza gukundana, kandi bagomba gukora kugirango bahuze umutima, bahuze intekerezo, kandi babone ibintu kimwe. Kutagira urukundo binezeza cyane umwanzi wacu. Ni we nkomoko y'ishyari, ifuhe, urwango no gushyamirana kandi yishimira kubona ibyatsi bibi byangiza ikimera cy'urukundo cyatewe n'ijuru....

"Umwanya umukozi afite mu bandi ukwiriye kurindanwa ukwera. Umuntu nabona amakosa ku wundi, ntabwo agomba kuyashyira imbere y'abandi, ngo ayagire ibyaha nkoraruguma. Bishobora kuba ari ibyaha byo gutekerezanya ubushishozi ku buryo Imana izatanga ubuntu mvajuru bwo kubitsinda. Iyo Imana ibona ko abamarrayika b'intungane, aribo bagomba gukorera inyokomuntu yacumuye umurimo mu buryo bwiza kuruta abantu, iba yarawubashinze. Ariko mu cyimbo cyo kugenza gutya, Imana yoherereje abantu b'abanyanteye nke, b'abakene, bayoba; ubufasha bukenewe, abantu bahwanyije ubumuga na bagenzi babo, baba aribo bategurirwa

kubafasha.”⁹

“Bakundwa, dukundane kuko urukundo ruva ku Mana. Umuntu wese ukunda yabyawe n’Imana kandi azi Imana. Udakunda ntazi Imana kuko Imana ari urukundo” (1Yohana 4:7,8).

4. IYOBOKAMANA

Iyobokamana Kristo yashyize mu bikorwa niryo rugero. Ntabwo ribogamira mu bitabo no mu mategeko cyane nk’umurimo ushyizwe mu ngiro no gukorera abandi.

“Intumwa Pawulo yerekanye ko iyobokamana ridashingiye ku migenzo n’imihango, amahame n’ibivugwa mu magambo gusa. Iyo biba bimezwe bityo, umuntu wa kamere yashoboraga kuyisobanukirwa yifashishije gucukumbura nk’uko asobanukirwa ibintu by’isi. Pawulo yigishaga ko iyobokamana ari imbaraga ikora, imbaraga ikiza, ihame riva ku Mana yonyine, ukumenya imbaraga y’Imana itera umutima kuba mushya ku muntu ku giti cye.”¹⁰

Abantu muri kamere yabo baroroheje. Tubara ingano y’imirimo twakoreye abandi kugirango tumenye uko batekereza ingano y’umwenda badufitiye. Tugumisha mu ntekerezo raporo y’ibicumuro baducumuyeho. Iyo twirebye, tubwira duti: “Reba ingano y’ibyonyakoze. Jyewe umukene. Ngomba gukorera buri kintu cyose buri muntu wese.” Ibyo bitekerezo icyo bikora gusa ni ukudushyira kure ya Kristo.

Kumenya Imana by’ukuri, byatuma tuba dukwiriye gusa na Yo. Binyuze mu buntu Bwayo n’Umwuka Wera, dukwiriye gukorera bagenzi bacu tudatekereza icyo bo bakora cyangwa se kuba batakwiriye. Tugomba kubabarira ubutaruhuka kandi tugafasha abatentebutse. “Twe gucogorera gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari” (Abagalatiya 6:9).

Igihe tugenje dutyo, tuba dutangiye gusobanukirwa imico y’Imana. Turabukwa urukundo idukunda n’uburyo itubabarira kandi ikaduha imigisha itagira akagero, ititaye ku kuba tutabikwiriye. Ubu ni uburyo bukomeye bwo kumenyera Imana hano kandi nonaha.

NI UKUBERA IKI TUGOMBA KUMENYA IMANA

Igihe kimwe umwana w’umuhungu yari gukina n’inshuti ze. Biyemeza kujya gukinira mu kindi kibuga, nuko mu gihe barimo bajyayo, bageze ku kageze bagomba kwambuka banyuze ku iteme ry’ibiti. Buri wese yarambutse agera hakurya ku rundi ruhanda uretse wa muhungu

wenyine. Inshuti ze zaramuhamagaye: “Ngwino, ambuka!” Ariko uwo muhungu yanze kwambuka.

Umwe mu nshuti ze yasubiye inyuma, akandagira kuri rya teme, amuhereza ukuboko kwe, aramubwirira ati: “Fata iki kiganza cyanjye, sindi bwemere ko ugwa.” Kugeza icyo gihe, uwo muhungu ntiyamuhaye ukuboko ngo yambuke.

Muri ako kanya se w’uwo muhungu yarahageze aramubaza ati, “Ni ukubera iki udashaka kwambuka umugezi?”

“Mfite ubwoba, data.” Niko uwo muhungu yavuze.

Nuko se arambura ukuboko aramubwirira ati: “Reka tugende!” Yafashe ukuboko kwa se, wa muhungu yambuka umugezi adafite ubwoba.

Ku ngingo runaka mu mwaka utaha, mushobora kuzambuka umugezi munyuze ku iteme ridafashije. Bene data na bashiki banjye mumenye ko So wo mu ijuru azabashobora kwiringira ubuntu Bwe no kwishimira amahoro ari mu kwitabwaho na We kwe, mutitaye ku birushya n’ibigeragezo bibugarije.

“Nuko rero nimutyo twe kwibagirwa imbabazi z’Imana kandi nimureke tuzibungabunge nk’amasaro y’igicro cyinshi. Igihe imbaraga z’umwijima zizaba zitugose, maze Satani akatwongorera gushidikanya urukundo rw’Imana n’uburyo itwitaho, nimureke tugire ibyiringiro biturutse ku mucyo umurikira mu mibereho yacu.”¹¹

Ntabwo dukeneye kumenya buri kantu kerekeranye n’ahazaza, ahubwo dukeneye gusa kumenyera Imana hano ndetse nonaha. Nibwo kubwo kwizera, dushobora kugundira ikiganza ikiganza Cyayo. Imana izi ahazaza, ntizatwemerera kugenda.

“Kuko jyewe Uwitwaga Imana yawe nzagufata ukuboko kw’uburyo nkubwire nti ‘Witwaga, ndagutabaye’” (Yesaya 41:13).

UMWANZURO

Kumenya Imana si ukwiga ibijyanye n’imyizerere n’amategeko. Ni ugusobanukirwa urukundo rukomeye rw’Imana twahishuriye muri Yesu Kristo maze rugakuzza isano yimbitse dufitanye na Yo binyuze mu mikorere y’iby’iby’umwuka.

“Igitwaga n’ibigize ubuntu bwa Gikristo bwose ndetse n’imibereho ya Gikristo bikubiye mu kwizera Kristo, mu kumenya Imana n’Umwana Wayo yatumye. Ariko hano niho benshi batsindirwa, kuko babura kwizera Imana. Mu cyimbo cyo kwifuza kugirana ubuyobohe na Kristo mu kwiyambuka.”

ga Kwe no kwishyiraho igisuzuguriro, bahora bashaka kwikuzza.... Iyo tuza kuba twaranyuzwe n’urukundo rw’Imana, imitima yacu iba yaragutse, impuhwe zacu zidashingira ziba zarongerewe zikaba nyinshi, maze bigasenywa inzitizi z’ukwikunda, kandi ubwenge bwacu bwari kwimbika kuruta bimeze ubu ngubu....

“Biterwa n’uko tutazi Imana, ntabwo dufite kwizera muri Kristo, nicyo gituma tutacengewe byimbitse no kuba Kristo yarihanganiye igisuzuguriro ku bwacu, ku buryo gucishwa bugufi Kwe bitadutera kwicisha bugufi, ngo Yesu abe ariwe ushyirwa hejuru.”¹²

Waba uri umwizera w’inariyabonye mu by’umwuka cyangwa ukaba aribwo ugutangira urugendo, isengesho ryanjye ngusabira ni uko wamenyera Imana hano kandi nonaha.

Ibi bibazo bikurikira ni ibyo kuganirwaho n’iteraniro muri iki cyumweru cy’amateraniro yo gusenga:

1. Mbese kubona Imana birashoboka?
2. Ni gute Imana itwihishurira?
3. Mbese ni iyihe migisha imwe n’imwe Imana yabahaye muri uyu mwaka, mwaba muyikwiriye cyangwa mutayikwiriye?
4. Ni gute imibanire tugirana n’abandi idufasha kumenya Imana biruseho? *R*

Aho Biboneka:

¹*That I May Know Him*, p.9.

²*The Atlantic Union Gleaner*, June 09, 1909.

³*Ibid.*

⁴*Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.356,357.

⁵*Ubutumwa ku Basore*, p.115.

⁶*Kugana Yesu*, p.94.

⁷*Ibid*, p.99.

⁸*Manuscript Releases*, vol 9, p.256,257.

⁹*Historical Sketches*, p.119,120.

¹⁰*Ibyakozwe n’Intumwa*, p.451.

¹¹*Umwigisha w’Urubyiruko*, kuwa 15 Nyakanga, 1897.

¹²*That I May Know Him*, p.104.



KUMENYA IMANA IHORAHO

Byateguwe na **TEVITA BATIWALE**
Umukuru w'itorero muri Fiji, ibarizwa muri Inyio y'Amajyepfo ya Pasifika

Mu minsi ishize, hari umusore wakuriye mu mudugudu muto wo mu kirwa cyo mu nyanja ya Pasifika. Yabaye umubaji w'umuhanga ku rwego ruhanitse, nuko bidatinze yirundumurira mu murimo w'ububaji agakora ibikoresho mu mbaho biki-fashishwa mu kubaka amazu meza cyane. Uwo musore kandi yari afite murumuna we w'umunyamuhati yatoje, nuko nyuma aza guhabwa impamyabumenyi aba umwarimu ku ishuri. Bombi bahiriwe n'imirimo yabo yari ibabeshejeho; ku buryo baje kuba isoko ikomeye yo kwishyira hejuru n'umunezero ku muryango wabo. Nyamara gutunganyirwa kwabo na none byabaye isoko y'ishyari mu mitima y'abanyamudugudu bagenzi babo. Abanyeshyari bamwe bakwirakwije ibihuha mu mudugudu ko isoko yo kugera ku ntego kw'abo bavandimwe ari uko se wababyaye yari yaranzwe na bimwe mu bikorwa by'ubupfumu.

Mu gihe icyo kibazo cyariho, imibereho y'uwo musore yagizwe mibi cyane no gutererezwa imyuka mibi

[y'abadayimoni]. Yakomeje guhaba-bikwa no kwihebesha n'ugaragara nk'umuntu wari wambaye imyenda yirabura wakomezaga kumukurikira ku manywa na nijoro. Mu buryo butunguranye, yafashwe n'indwara y'inzaduka, iramubabaza ku buryo yatumye ijisho rye ry'ibumoso ritagira ikintu cyose ribona. Ibyiyumviro byashyigirwe n'izo ngorane ni uko akababaro k'uwo musore kabonwaga nk'igihano kivuye ku Mana (kandi kubera ko ibyo byabimburiwe n'ifuhe, amahari n'ishyari) abanyamudugudu biremye agatsiko maze batwika inzu y'umuryango [w'abo basore] bayihirika hasi. Babuze byose, nuko wa musore acibwa mu mudugudu. Uretse kuba yarahunze, yakomeje gukurikiranwa na ya myuka mibi aho yajyaga hose.

Mu bwihwe bwe [bwo kwifuza] kubaturwa muri iyo myuka y'abadayimoni, uwo musore yatakiye Uwitete kugirango amutabare.

Icyakurikiyeho ni uko yongeye kumenyana n'uwo bari barigeze gushyikira kera, nuko nyuma amenya ko ari

umukuru w'itorero rimwe mu matore-ro ya kera y'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi, ryari mu muji. Inshuti ye yamugejejeho ukuri kw'isabato ndetse n'izindi nyigisho za Bibiliya ari kumwe n'undi musore. Ubusobanuro buvuye muri Bibiliya kuri izo ngingo bwamukoze ku mutima maze bituma arushaho gucukumbura ibyerekeranye n'imyizerere ya Gikristo yari yarigeze kugira mu gihe cyashize. Ibi byamuteye kubatizwa kandi agahora aza gusen-gera ku itorero ry'inshuti ye mu muji.

Ikintu rukumbi cyashoboye kumura-rakaza bikomeye cyane kandi kigatera ubushyamirane mu iterambere rye, ni uko imyuka mibi yarushijeho kurwan-ya uyu musore ndetse n'umuryango we mu buryo bwikubye kabiri. Ibi byarakomeje hatitawe ko yari umwiz-era w'itorero mu myaka 5 ndetse ubu akaba yari n'umudiyakoni. Imibereho ye yarushijeho kuba interagahinda kuko hari ibihe umudayimoni ya-jyaga yicara inyuma mu mwinjiri w'urusengeru, agakurikiranana buri kintu cyose uwo musore yakoreraga imbere.

Nta muntu n'umwe washoboraga kubona uwo mushyitsi uteje akaga uretse uwo musore gusa. Iyi mibereho ibabaje na none yatumaga arushaho kugira icyifuzo mu mutima cyo gutabarwa agakizwa izo ngoyi z'abadayimoni maze uwo musore akagirana n'Imana umubano wimbitse. Igihe cyo kinini yajyaga akimara mu guhoro yiyiriza ubusa asenga, ndetse akiga Bibiliya.

Umusaruro wabyo ni uko buhoro buhoro yatangiye guhindura ingeso zitandukanye mu mibereho ye. icyo twazirikana ni uko yanahinduye imirire ye akajya aya ibituruka ku bimera amaze kubihugurirwa n'umubwirizabutumwa mu nzozi. Bitagizwemo uruhare n'undi uwo ariwe wese ahubwo kubw'ubuntu bw'Imana, uwo musore yumvise ko hari itorero ryenda gusa nk'iryo abarizwamo, kugera aho bateranira bikaba ari urugendo rw'iminota 5 uvuye ku nzu ye. icyamukuruye cyane ni uko biyita "Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura" kandi ko imyizerere shingiro yabo idahuye 100% n'iyu mu itorero asanzwe abereye umudiyakoni. Yafashe umwanzuro ko agiye kugerageza, noneho akazabasura ku isabato ikurikiyeho.

Amaze gufata uyu mwanzuro, wa mudayimoni yaramurwanyije ku buryo bukomwe cyane kandi bigahora bityo ku Munsi wo Kwigitegura Isabato [kuwa gatandatu] ndetse no ku Isabato mu gitondo. icyo yatekereza ko ari urugendo ruto rw'iminota itanu gusa akagera kuri iri torero cyabaye kimwe mu byageragejwe inshuro nyinshi mu mibereho y'uyu musore ubwo umudayimoni yakoresheje imbaraga ze zose zitaramba akamutera guta ubwenge, kugirango aburizemo umugambi we. icyakora amarembo y'urusengero yagaragariraga uyu musore nk'ataboneka neza maze nkuko Yakobo yasenze, yabashije kurokoka....

Ibyiyumviro bidasanze byo kubaturwa byaje mu mutima we ubwo yabonaga inzira yerekeza ku muryango w'urusengero rukinguye ndetse n'Ishuri ryo ku Isabato ryari ririmbanyije. Kwigitegereza abana bato n'abasore bateranye ukwabo mu byumba by'amashuri n'indirimo zaririmwaga, byatumye uyu munsi w'Isabato uba udasanze utandukana n'andi masabato yabonye. Ubwo yakomezaga ajya mbere, ijwi yari asanzwe amenyereye ryamuhamagaye mu izina. Yateze amatwi amagambo [yavugwaga] umutima we wari wabaye ubutita

utakirangwamo urukundo rwa Kristo, nuko wa musore arahindukira ngo arebe aho iryo jwi rivugira, ryari rimeze nk'iry'icyihebe cyangwa umwicanyi. Yari wa mudayimoni. Amagambo ye yari ubutita kandi yoroheje cyane. Yahagaze inyuma y'amarembo nk'imbwa bakumiriye kwinjira ariko amaso ye yari yijimye, nuko umutima w'uwo musore usa nk'uhunguranyijwe n'amagambo y'umwuka mubi [mudayimoni] agira ati: "Iri ni itorero ry'ukuri. Ndakuvamo ubwo uraba uri hano, ariko nuhava utashye ndakugarukamo na none." Atitaye kubyo umudayimoni yavuze, uwo musore yarakomeje yinjira mu rusengero. Uyu musore ntiyari yarigeze abifata nk'ibintu bikomeye ubwo buri gihe yajyaga akurikirwa n'inyuka y'abadayimoni ndetse no mu itorero yahozemo mbere. Mu gihe gito cyakurikiyeho, ubwo yagiraga amatsiko yo kumenya aho mugenzi we [dayimoni] ari kuba batinjiranye, yararanganyije amaso mu mbago z'urwo rusengero ruto rw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura. Mu by'ukuri, uwo mudayimoni ntiyari ahari rwose.

Kuva uwo munsi yafashe umwanzuro wo kuva mu itorero yari asanzwe abarizwamo nuko yifatanyaga n'abagize Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura. Ndetse na nyuma yo gutaha gahunda zo ku isabato zirangiye, ntiyongeye kubonekwaho n'ikimenyetso cyo kugendererwa n'inyuka y'abadayimoni. Nyuma y'inyaka myinshi cyane, nibwo yaherukaga kwishimira ibitotsi bikamugaruramo ubuyanja, yabatuwe ukubuzwa amahwemo n'abadayimoni. Amaze kwiga Bibiliya, yashishikariye kumenya imyizerere shingiro y'itorero, yarabatijwe kandi ubu ni umudiyakoni mu itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura aho ngaho iwabo. Avuga ko iyi mibereho yamuteye gushima urukundo rw'Imana n'Ubuntu Bwayo no kurushaho kuyimenya. Byamuteye kubona uburyo umuntu ashobora kunesha binyuze gusa mu gusabana na Kristo byimbitse no kwiyegurira Ubuntu Bwe. Binyuze muri Kristo gusa nibwo umuntu ashobora kugira ubugingo muri iyi si no mu isi izaza. Ibi byose yizera bikubiye mu isomo rimwe ryo mu Byanditswe: "Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo" (Yohana 17:3).

Iki gitabo cyimbika cyane ku ka-

maro uyu murongo ufitiye umwizera ndetse no kucyo "Kumenya Imana Ihoraho" bisobanuye:

KUMENYA

Inshinga "kumenya" ikoresheya mu guhugura intekerezo cyangwa interuro igaragaza igitekerezo cy'uko hari igitekerezo runaka cyangwa ukuri kiri gushyirwa mu bikorwa mu gihe cyihariye. Nyamara rero "kumenya" uburyo bwo gukata igitunguru, mu maso nti hazenge amarira [kubw'amakakama yacyo atarukiyemo] ni ubuhanga bw'ingirakamaro tugomba kugira; by'umwihariko niba ushaka ko imboga zitaba impamvu yo kuzenga amarira kwawe. Hano turabona ko ubumenyi bwihariye bushyirwa mu bikorwa muri icyo gihe cyihariye.

Tukiri kuzirikana ibi, dushobora kwibaza ubwacu ibi bibazo bibiri bikurikira: "Mbese Kristo arashaka ko tumenya iki?" kandi "icyo kintu tukagikoresha iki?"

Dushingiye muri Yohana 17:3, igisubizo kiroshywe.

Ubumenyi: kumenya Imana na Yesu Kristo.

Umusaruro wabyo: kugira ubugingo buhoraho.

None ubwo rero gusobanukirwa bitanga umusaruro wo kugira ubwo bumenyi, bishatse kuvuga ko, kugirango tumenye Imana, noneho ubwo dukwiraye kwibanda ku busobanuro buturutse muri Bibiliya no mu Mwuka w'Ubuhungu.

IMANA IHORAHU

Iyo tumenye umuntu runaka, tuba dutegerejweho kumenya buri kintu cyose gishoboka cyerekeye uwo muntu gitandukanye n'ibintu bisanzwe ari rusange. Nk'urugero, ibyifuzo byabo ibyo ari byo, imyifatire yabo yerekeye ibibazo byihariye, inyamaswa bakunda, imiterere yabo iyo ariyo. Ni ngombwa ko tumenya ibyo mu mutima by'abo bantu ugereranyije n'ubumenyi bw'amajyejuru undi uwo ariwe ashobora kugira.

Benshi cyane barayoba maze kubwo kutamenya Imana kwabo n'ICYO IRI CYO bituma benshi barorongotana bakazimira. icyakora hatitawe ku ikosa rikomeye ryerekeye ubu bumenyi bw'ingenzi, Bibiliya idusobanurira neza iyi ngingo.

Imwe mu mirongo y'ibanze idusobanurira ibi neza, ni amagambo yavuye mu kanwa k'Imana aboneka mu Kuva igice cya 34. Haratubwirira ngo:

"Uwiteka anyura imbere [ya Mose] arivuga ati "Uwiteka, Uwiteka, Imana

y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara ifite kugira neza kwinsi n'umurava mwinshi, igumanira abantu imbabazi ikageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi, ibababarira gukiranirwa n'ibicumuro n'ibyaha. Ntitsindishiriza na hato abo gutsindwa, ihora abana gukiranirwa kwa ba se ikageza ku buzukuru, n'abuzukuruza n'ubuvivi" (Kuva 34:6,7).

Hano tuhabona imico y'Imana; imimerere yimbitse y'Imana iyitandukanya n'ibindi bigirwamana. Nimubitekerezeho, biratangaje, nubwo Uwiteka, Umuremyi Uhoraho yatwihishuriye mu ncamake muri iyi mironko mike mu buryo budatomoye, nyamara yabigenje ityo kugirango umunyabyaha upfa, ashobore kumenya Imana nubwo byaba ari amajyejuru.

Na none biranejeje ko kugirango tumenye Imana by'ukuri n'ICYO IRI CYO, dukwiriye kumera nka Mose, tukihisha "mu buvumo bwo mu gitare" (Kuva 34:5).

Kristo avugwa ku byerekeye ishusho ya rwa "Rutare" mu yindi mibereho ya Mose ko "icyo gitare cyari Kristo" (1Abakorinto 10:4). Bityo rero hano tubona ko ibisabwa kugirango tumenye Imana kandi tuyishimire "bitagaragara cyane", ni ukubanza gusa kuyoborwa kuri Kristo. Nibwo buryo rukumbi dushobora "kubona" Imana bya nyabyo.

Kristo ubwe yagize icyo avuga kuri ibi muri Yohana 14:6 aho yavuze yeruye ati: "Ni jye nzira, n'ukuri n'ubugingo. Ntawe ujya kwa Data ntamujyanye" (Yohana 14:6). Na none yavuze yeruye mu gihe yavugaga ku Bayuda bihangiraga gukiranuka bageragezaga kwicira inzira ibajyana mu Ijuru kubwo gusobanura Ijambo ry'Imana kwabo mu buryo buyobya. "Murondora mu byanditswe, kuko mwibwira ko muri byo arimo mufite ubugingo buhoraho, kandi ari byo bimpamya" (Yohana 5:39).

Umwuka w'Ubuhanuzi uratubwira uti:



"Igihe Mose yahishwaga mu buvumo bw'urutare nibwo yitegereje ubwiza bw'Imana. Igihe duhishwe muri Rutare nibwo Kristo adutwikiriza ikiganza Cyé cyatobowe imisumari maze tukumva icyo Uwiteka abwira abagaragu Be. Nkuko byagendekye Mose, natwe Imana izatwihishurira, ari "Imana y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara ifite kugira neza kwinsi n'umurava mwinshi, igumanira abantu imbabazi ikageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi, ibababarira gukiranirwa n'ibicumuro n'ibyaha" (Kuva 34:6,7)"¹

Nkuko byavuzwe mbere, gushyikira uku kumenya Imana ni ikintu mu by'ukuri gishobora gufata ibihe byose kugirango gisobanuke. Nyamara Imana mu mbabazi Zayo, iduha icyo dukeneye mu Ijambo Ryayo kubw'agakiza kacu. Iratubwira mu buryo bweruye iti: "Ibihishwe ni iby'Uwiteka Imana yacu, ariko ibyahishuwe ni ibyacu n'urubyaro rwacu iteka, kugira ngo twumvire amagambo yose y'aya mategekako" (Gutegeka kwa Kabiri 29:29); ibyinshi by'umwihariko biri mu rugero rwa Kristo.

KWANDIKA MU MUSENYI

Hari urugero rudasanze rutuma nizera ko ibi bikuyemo ibyabaye kuri Yesu n'umugore yazaniwe n'Abafarisayo kugirango acirweho iteka nkuko biboneka muri Yohana 8.

Iki gice gitangira kivuga ko Kristo, amaze kujya ku musozi wa Elayono, yagarutse mu rusengeru gusa kugirango ahahurire n'Abafarisayo bari bafite imigambi mibisha iyo biringiraga ko iri bube ikibazo "kimugusha mu mutego".

"Abanditsi n'Abafarisayo bamuzanira umugore bafashe asambana, bamuta hagati. Baramubwira bati "Mwigisha, uyu mugore bamufashe asambana, kandi Mose mu mategekoko yadutegetse kwicisha amabuye abakoze batyo. None wowe uravugaga ngo iki?" (Yohana 8:3-5).

Ugereranyije n'ibindi bihe aho yari yarahuye n'abo bari bariyeguriye gusebanya, igisubizo cya Kristo cyari

kirenze kuvuga.

"Ibyo babivugiye kumugerageza ngo babone uburyo bamurega. Ariko Yesu

arunama yandikisha urutoki hasi" (Yohana 8:6).

Ubwo bari barakaye bikabije, abaregaga [uwo mugore] bakomeje kubaza Kristo ibibazo kugeza ubwo asubirisha icyoroheje, nyamara urondora imitima yunamye hasi na none akomeza kwandika iby'ubwiru Bwe.

"Muri mwe udafite icyaha, abe ari we ubanza kumutera ibuye" (Yohana 8:7). Ingaruka y'amagambo ya Kristo ndetse n'ibikorwa bye byemeje imitima kandi bicyaha abantu bose bari aho ngaho, nkuko Yohana abyandika agira ati: "Na bo ngo babibone batyo ibyaha byabo birabarega, basohoka urusero rongo uhereye ku basaza ukageza ku uheruka, hasigara Yesu wenyine na wa mugore wari uhagaze hagati" (Yohana 8:9).

Ku iherezo, Kristo amaze kwandikisha Ubuhanga Bwe bw'Ikirenga ku mpapuro zo mu musenyi, "Arunamuka ntiyabona n'umwe keretse we n'umugore, nuko aramubaza ati: Wa mugore we, ba bandi bakuregaga bari he? Nta wuguciriyeho iteka?" (Yohana 8:10).

Mbese ni iki ashobora kuba yaranditse?

Ntidushobora kukimenya kugeza ubwo tuzagera mu buntu Bwe bw'iteka. Ariko icyo tuzi ni uko ibyakurikiyeho bitubwira ibyo byose mu ncamake.

Umugore yasubije ikibazo cya Yesu ati:

"Ati "Nta we Databuja." Yesu aramubwira ati "Nanije singuciraho iteka, genda ntukongere gukora icyaha" (Yohana 8:11).

Nizera ko iyi nkuru ari imwe muri nyinshi zereka abantu bose ko dukeneye kumenya Imana na Kristo ku byerekeye ubugingo buhoraho (Yohana 17:3).

UBUGINGO BUHORAHU

Uherye ku kugwa kw'inyokomuntu, twahoranye isezera-

".... nk'ikamba ry'umugisha w'agakiza, impano y'Imana ni ubugingo buhoraho muri Kristo Yesu Umwami wacu" (Abaroma 6:23)."

no ry'ibyiringiro ryo gutabarwa kwacu. Ikinyoma cy'inzoka cyacyashywe mu magambo agira ati: "Nzashyira urwango hagati yawe n'uyu mugore, no hagati y'urubyaro rwawe n'urwe, ruza-gukomeretsa umutwe nawe uzarukomeretsa agatsinsino" (Itangiriro 3:15).

Uru "rubyaro" ruvugwa hano ni Kristo, wasohoreje umurimo We mu isi kandi hano niho tubona urukundo rwaducunguye, nubwo tutabikwiriye, Imana yabiduhereye ubuntu nta kiguzi.

Mu buryo butaziguye, ikiremwa-muntu cyose kigereranywa na wa mugore waciriweho iteka uvugwa muri Yohana 8. icyaha tugishinjwa na Satana mwene cyo, kandi dukwiriye guhabwa igihano cyacyo – aricyo rupfu (Abaroma 6:23), nyamara Imana yaciye inzira. Kubwo kumenya gusa inama Yayo y'ugucungurwa nibwo umuntu ashobora guhitamo kwemera gukizwa cyangwa akabyanga maze akazimira buheriheri.

Icyakora kumenya ubushake bw'Imana bwagaragarijwe mu Ijambo Ryayo, biduhamiriza ko Imana idashakako hagira n'umwe uzimira.

Mu kwinginga Abisirayeli, Imana iravuga iti: "Nimute kure ibicumuro byanyu byose... Kuki mwarinda gupfa, mwa b'inzu ya Isirayeli mwe? Erega sinishimira ugiye gupfa ko yapfa, nuko nimuhindukire mubeho" (Ezekiyeli 18:31,32).

Kristo yaje muri iyi si kugirango atumenyeshe Imana n'urukundo Rwayo ruhoraho, arapfa kandi arazuka. Binyuze mu murimo w'Umwuka Wera dushobora kuyoborwa mu kuri kose, kugirango dushobore kugira amahirwe yo guhitamo kubaho.

Kristo yaravuze ati: "Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya, ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uko watumye, ari we Yesu Kristo" (Yohana 17:3). N'umuhanuzi Yeremiya yaravuze ati: "Umunyabwenge ye kwirata ubwenge bwe, n'intwari ye kwirata ubutwari bwayo, umutunzi ye kwirata ubutunzi bwe; ahubwo, uwirata yirate ibi, yuko asobanukiwe, akamenya yuko ari jye Uwituka, ugirira imbabazi no kutabera, no gukiranuka mu isi: kuko ibyo ari byo nishimira." (Yeremiya 9:23, 24). Birakomeye kugira ngo ibitekerezho by'umuntu bishobore gusobanukirwa ubugari, uburebure bw'ikijepfo n'uburebure bw'igiharagaro bw'ibyo umuntu ubonye ubu bumenyi ageraho mu by'umwuka."²

"Mu kuduha Ijambo Ryayo,

Imana yaduhaye kugira buri kuri kose kw'ingenzi kubw'agakiza kacu. Abantu ibihumbi n'ibihumbi bavomye amazi kuri ayo masoko y'ubugingo, nyamara ntajya akama. Abantu ibihumbagiza bashyize Uwituka imbere yabo maze kubwo kumwitegereza barahindutse bagira ishusho Ye. Imitima yabo ibagurumano iyo bavuze iby'imico Ye, bakavuga icyo Kristo ababereye n'icyo babereye Kristo. Ariko abo bashakashatsi ntibigeze bamara ubwo butumwa n'insanganyamatsiko zera. Abantu ibihumbi byinshi bashobora kujya mu murimo wo gushakashaka ubwiru bw'agakiza. Uko imibereho ya Kristo n'imiterere y'umurimo We bibabamo, niko imirasire y'umucyo izamurikira buri wese ubihisemo mu buryo bunyuranye kugirango avumbure ukuri. Buri wese ucukumbura azahishurirwa ikintu kirushijeho kwimbika kiruta icyo yigeze ahishurirwa. Ubumenyi ntibujya bushira. Kwiga uburyo Kristo yigize umuntu, igitambo Cy'e gihongerera, n'umurimo We w'ubuhuza, bizatwara intekerezo z'umwigishwa w'umunyamwete uko ibihe bizakomeza guha ibindi, maze mu kwitegereza ijuru mu myaka itabarika, bizamutera kuvuga ati: 'Si ugushidikanya ubwiru bw'ubumana burakomeye cyane.'"³

Tuzirikane ko tugomba gusobanukirwa no kumenya Uwituka utugirira urukundo, ineza, iby'ubutabera no gukiranuka, ahoraho. Mu mucyo w'ibi ngibi, dukwiriye kwigisha abana bacu kumenya Imana n'imiterere Yayo. Uko duhatana n'amaganya y'ubu bugingo kugirango tubona akanya ko kwigisha abana bacu, dukeneye gushaka ubuyobozi bw'Imana kugira icyo bukora mu buryo bw'ubumana kugirango dushobore gusohozwa uyu murimo mu buryo butunganye.

"Mwigishe kumenya Imana: Kumenya Imana nibwo bugingo buhoraho. Mbese ibi ubyigisha abana bawe, cyangwa se ubigisha kwisanisha n'impagarike y'ab'isi? Mbese witeguye ko Imana ibigutegurira imuhira?... Igi-she abana bawe imibereho y'Umukiza, urupfu Rwe n'uko yazutse. Bigishe kwiga Bibiliya... Bigishe kugira imico izagumaho mu bihe byose. Dukwiriye gusenga uko tutigeze dusenga mbere kugirango Imana irinde kandi ihe umugisha abana bacu"⁴

UMWANZURO

Dawidi yabwiye abo mu bisekuru byose ugukiranuka k'Uwituka, nuko abirondora muri Zaburi 100:5, "Kuko

Uwituka ari mwiza, imbabazi ze zihoraho iteka ryose, Umurava we uhoraho ibihe byose." Na none mu gitabo gisheruka Bibiliya, aricyo Ibyahishuwe, twibutswa uguhoraho kw'Imana. Umwami Imana aravugaga ati: "Ndi Alufa na Omega, itangiriro n'iherezo", ni ko Umwami Imana ivuga, iriho kandi yahozeho kandi izahoraho, ari yo ishobora byose" (Ibyahishuwe 1:8). Dushobora kugira ubugingo buhoraho binyuze muri Yesu. Yaradupfiriye, amaraso Ye atwezaho ibyaha byacu, kandi dushobora kugira ubugingo binyuze muri iyi mpano kubwo kumumenya. "Kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu, ariko impano y'Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu" (Abaroma 6:23).

"Iyo ifeza n'izahabu biza kuba bihagije kugira ngo bigire agakiza k'umuntu, mbega ukuntu kari gusohozwa mu buryo bworoshye n'uwavuze ati: "ifeza ni izanije, n'izahabu na zo ni izanije" (Hagayi 2:8). Nyamara amaraso y'igiciro cyinshi y'Umwana w'Imana ni yo gusa yari gutuma umunyabyaha acungurwa. Inama y'agakiza yagaragariye mu gitambo. Intumwa Pawulo yaranditse ati: "Kuko muzi ubuntu bw'Umwami wacu Yesu Kristo, uko yari umutunzi, maze agahinduka umukene ku bwanyu, kugira ngo ubukene Bwe buhatungishe" (2Abakorinto 8:9). Kristo ubwe yaratwitangiyeye kugira ngo aducungure mu bicumuro byose. Kandi nk'umugisha w'agakiza uhebiye indi yose "Impano y'Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu" Abaroma 6:23."⁵

"Umwami nyir'ibihembo byose udapfa, kandi utaboneka, ari we Mana imwe yonyine, ihimbazwe kandi icyubahiro kibe icyayo iteka ryose, Amena" (1Timoteyo 1:17). *R*

Aho Biboneka:

¹Imigani ya Kristo, p.162.

²Ibyakozwe n'Intumwa, p.531.

³Imigani ya Kristo, p.133.

⁴Kurera Umwana, p.494.

⁵Ibyakozwe n'Intumwa, p.519.

P.O.Box 7240
Raonoke, VA 24019-0240

MOVING? Please let us Know.

NTABWO TWAKUME NYE

Ni indirimbo #315, yo mu gitabo cy'Indirimbo z'Ivugurura

Ntabwo twakumenye nkuko bikwiriye
Ntabwo twize ubwenge, ubuntu, n'imbaraga byawe;
Intekerezo zacu zujujwe iby'isi,
Twapfushije ubusa igihe mu tuntu duto tw'ubusabusa,
Mwami, uduhe umucyo w'ukuri kwawe kugirango tubone,
Kandi utugire abanyabwenge mu kukumenya.

Ntabwo twakubashye nkuko bikwiriye,
Ntabwo twunamiye imbere y'amaso yawe ateye ubwoba,
Ntitwarinze ibikorwa byacu, amagambo n'intekerezo byacu;
Turibuka ko Imana yari ituri hafi,
Mwami, uduhe kwizera kumenya ko uri bugufi,
Kandi uduhe ubuntu bwo kubaha kwera.

Ntabwo twagukunze nkuko bikwiriye,
Kuba twarakunzwe nawe ntabwo twabyitayeho;
Twashatse kuba imbere yawe tutabishishikariye,
Kandi twashatse kubona mu maso hawe tudafite umwete,
Mwami, uduhe umutima uboneye, kandi w'urukundo,
Kugirango twiyumvemo kandi tugire urukundo udukunda.

Ntabwo twagukoreye nkuko bikwiriye,
Yooo! Hari inshingano wadusigiye tutasohoje,
Umurimo twawukoranye urutebwe
Twatsinzwe urugamba, cyangwa n'abanesheje ni mbarwa!
Mwami, uduhe umwete, kandi uduhe ubushobozi,
Kugirango tugukorere, kugirango tukurwanirire

- Thomas B. Pollack